

Kristu Aragarutse – Arivugira ukuri kwe

Ibaruwa ya V

Jyewe Kristu, nanditse iyi **BARUWA ya 5** kugira ngo nsobanure neza ku buryo bwumvikana **IKIRUKURI¹** kihishe – nzajya nita '**MPUZAHOSE** na '**NYA-MANA**' kugira ngo mbafashe kwagura imitekerereze yanyu ku buryo mwumva ko, mu gihe muri 'umuntu-giti', **ICYO CYABAHAYE 'UKUBA² n' 'UBU-GITI³ CYO ari MPUZAHOSE – Gihoraho – Ntikigira imbibi – Kiba hose nta ntangiriro nta n'iherezo.** Brw5/01

Kubera abahisemo gusoma **Ibaruwa ya 5** mbere y'**Amabaruwa** abanza avuga ubuzima bwanjye n'inyigisho zanjye nyazo ku isi, ndongeraho ko **jyewe** nyakuri ya '**Yezu**' **Kristu** itagomba kwitiranywa na gato na 'Yezu' uvugwa mu Kiragano Gishya. Brw5/02

Kubera ko inyigisho zanjye z'umwimerere, zanditse muri ya Mavanjiri ane, zakwirakwijwe ku bwisanzure bw'isi, kandi zigasiganurwa nabi ku buryo bukabije, ndashaka gutangira kwigisha **UKURI KW'IMIBEREHO** ntanga igisobanuro nyacyo cy'amagambo yanjye y'umwimerere uko yanditse mu Mavanjiri. Ibi ni ngombwa mu mugambi wo guhashya ndetse no kurandura burundu, mu ibonunumva rya rubanda, imyumvire mibi yakomeje kurandagatana no kuyobya ibisekuru by'abashakashatsi mu bya roho kuva igihe nari ku isi. Brw5/03

Igihe nari ku isi, kugira ngo nsobanure **Ikirukuri** kiri inyuma n'imbere mu mibereho, nakoresheje ku bwende ijamba '**Data**' nshaka kuvuga 'Imana'. Ibyo byakozwe kubera impamvu ebyiri. Iya mbere, nk'uko nabisobanuye mu **Ibaruwa ya 1**, imurikirwa ryanjye naherewe mu butayu ryatumye nshobora kubona ko uburyo busobanura Umuremyi w'impuzahose nk'uko 'byahishuwe' n'abahanuzi b'Abayahudi byari bikocamye rwose. Brw5/04

Icya kabiri, nahawe kubona neza – no kwumva byuzuye – kamere nyakuri y'Umuremyi – kandi nasanze ari kamere ya kibyeyi – yo kuzuzanya ibyifuzo by'ibiremwa mu buryo bwihariye kandi bugaragara neza, busa n'ubw'umubyeyi w'umugabo n'uw'umugore. Kandi koko, nabonye ko mushyiguzi za kibyeyi, ziba muri buri kinyabuzima cyose, zikomoka ku Muremyi, kandi ko isoko y' ibyifuzo byose by'urukundo n'ububyeyi ari na yo yari isoko y'ubuzima n'imibereho ubwayo. Brw5/05

¹ The Reality (*) Akanyenyeri kavuga ko ushobora kujya kureba igisobanuro cy'ijamba ry'ikinyarwanda mu "Rutonde rw'amagambo amwaga n'amwe asobanuye" ruri ku musozo w'inyandiko.

² Being (*)

³ Individuality (*)

Nabonye kandi ko iremwa ryari **ukwigaragaza kuboneka kwa Mushyiguzi Mpuzahose Ndemyi z'Ukuba**, bityo inyoko muntu yashoboraga kwitwa urubyaro rw'Umuremyi. Brw5/06

Kubera iyo mpamvu, byari nk'ibisanzwe kuri jye kuvuga '**Data**' nshaka kuvuga Umuremyi, kuko kuri jye, icyo ni cyo Umuremyi ari cyo mu by'ukuri mu buryo bwose – ndetse ahubwo '**Data-Mama**'. Ariko urebye ukuntu Abayahudi bari batsimbaraye mu kumva ko umugore ari nk'umuja mu buzima bwa buri muni, navugaga gusa '**Data**' kugira ngo ncubye ukwinangira kw'Abayahudi, bemere amagambo mashya nakoreshaga. Brw5/07

Nahimbye kandi ijambo '**Data**' kugira ngo mfashe Abayahudi gusobanukirwa ko intekerezo yabo ya Yehova n'umugaga w'amategako yabo byari bikocamye ku buryo budasubirwaho. Ikindi kandi, mu gukoresha imvugo nshya - '**Data**' - kugira ngo mvuge Umuremyi – **Mushyiguzi Ndemyi** - iri inyuma y'imibereho n'imbere muri yo, nagaragaje neza ko nari nzanye inyigisho nshya, ihabanye n'imyemerere isanzwe y'Imana yangaga abantu bamwe kandi ikaboherereza amakuba kugira ngo ibahane. Brw5/08

Ndashaka ko mwumva neza ko mu Kiragano Gishya Cyanyu nta hantu na hamwe bavuga ko nazanye inyigisho inyuranye ku buryo budasubirwaho n'Inyigisho zo mu Kiragano cya Kera, none kubera iyo mpamvu, Ikiragano Gishya ntigishobora kwizerwa, cyangwa kwemerwa, cyangwa kwiringirwa nk'amateka nyakuri y'ubuzima n'inyigisho byanjye. Brw5/09

Amateka nyayo kandi aboneye yanjye bwite, ya kamere yanjye yamurikiwe, y'imyifatire mbamutima yanjye n'ay'inyigisho zanjye ubwazo, byari kwerekana ku buryo busesuye ko imiterere nyahudi ishaje y'idini n'inyigisho zanjye zimurikiwe byari bihabanye nk'ijoro n'amanya, mu buryo ubwo ari bwo bwose. Brw5/10

Idini rya Kiyahudi ryarangwaga n'intekerezo zikabije kuba iz'ibintu bifatika. Yego hariho inyandiko Abayahudi bamurikiwe mu bya roho bakomoragaho kandi bagikomoraho imyumvire ndengakamere y'**ISOKO** yacu **y'UKUBA**. Brw5/11

Bagomba gusingizwa no kubahwa cyane kubera intera ndengakamere za gatekerezi yabo. Brw5/12

Ariko iyo abahanuzi bageraga ku mugabo cyangwa umugore bo mu rwego rusanze, inyandiko zabo zatambutsaga ubutumwa bunyuranye kandi buzitira, nya-muntu gusa, kandi butari bwo. Nta genzura ry' 'ikibi' n' 'icyiza' rikorwa n' 'Imana iri hejuru'. Iyo rijya kuhaba isi ntiyajyaga kuba mu mimerere iteye inkeke nk'iyi ya bomboribombori n'ubutindi. Brw5/13

Nazanye inyigisho nshya igamije gusa kwereka abantu **ubuhuzahose⁴ n’urukundo – kamere iba imbere mu bintu – hamwe kandi na kamere isumba byose y’ICYO ... CYATUMYE IBIREMWA BYOSE BIJYA AHAGARAGARA.** Brw5/14

Ni intego yanjye kubyerekana ku buryo bunononsoye, kugira ngo abashakashatsi b’Ukuri bashobore kwigobotora ibisigisigi ibyo ari byo byose byo kwemera ko nari gusa umuhanuzi ukomoka ku gisekuru kirekire cy’abahanuzi b’Abayahudi, ko nakomezaga kwigisha insanganyamatsiko zabo zivuga Yehova ushobora byose, ufite imbamutima z’ikirumirahabiri ku byerekeye ibiremwa bye. Brw5/15.

Gutinya Abayahudi bakurikiraga imyemerere karande byatumye abigishwa banjye baguma mu murongo w’ibyo bari bariyemeje kubwira rubanda ku binyerekeye. Mugomba kwibuka ko kugira ngo bungukire Ubukirisitu abayoboke bashya b’Abayahudi, bari bafite ubwoba bwo kwitarura Ikiragano cya Kera kuko ari cyo cyatumye Abayahudi bagumana ubumwe imyaka amagana. Bashunguye ibyo nabigishije bongeramo ikintu cyose cyajyanaga n’imyemerere ishaje y’idini. Igisekuru cyanjye cyararondowe kugira ngo bahumurize Abayahudi ko nakomokaga ku Mwami Dawudi. Kubera iki bagombye kwigora kuri ibyo ngibyo uretse kuba barashakaga kwerekana ko nari Umuyahudi nyawe w’igisekuru cya kera, bityo nkaba narashoboraga kuba umukandida ku Bucunguzi? Brw5/16

Iyo bajya kuba barumvise by’ukuri icyo naje gukora hano ku isi—guca ukubiri n’ibya kera, no gushinga ahazaza hashya burundu mu myumvire no mu mikorere – bajyaga gukora ibishoboka byose kugira ngo rubanda rwumve impamvu nyazo zatumye banyica. Brw5/17

Ariko ntabwo bakoze. Bahishe byinshi mu byo nari naragerageje kwigisha. Brw5/18

Umwe mu bigishwa banjye w’intwari, Stefano, ntiyigeze agira ubwoba bwo kuvuga yeruye inyigisho zanjye z’ukuri, nubwo na zo zari zararyohejwe, ariko ntibabuze kumwicisha amabuye. Mugomba kumva ko ubuzima bw’intumwa zanjye bwari bugoye, ko rero nta gitangaje ko inyigisho zanjye nyakuri zoroshweho imitekerereze y’umuco gakondo, kugira ngo zishobore kwemerwa na rubanda. Brw5/19

N’iyo twabifata gutyo, byatera impaka z’urudaca mvuze ko ‘Ubukirisitu’ bugizwe na bimwe mu nyigisho n’ibikorwa byanjye byo gukiza abarwayi bitagongana cyane n’inyigisho za Kiyahudi. Ni idini ryahimbwe n’abigishwa banjye ba mbere hamwe na Pawulo, amaze gutorezwa Antiyokiya, kugira ngo Abayahudi bakomeze ubumwe mu buryo burambye bishoboka, kandi n’abanyamahanga bashobore kuriyoboka. Brw5/20

Ibyo bituma kwirwanaho ngo ugere ku cyo ushaka bihinduka rimwe mu masura y’imitekerereze ya Gikirisitu. Brw5/21

⁴ Universality (*)

Nguko ukuri kw'ubuzima n'urupfu byanjye kw'isi. Impaka zizavuka kubera ko abantu batsimbarara ku byemerwa bakunda, bakabicikaho bababaye nk'abatakaje imitungo bari bakomeyeho. Nyamara, uko abantu bakomera kuri ibyo byemerwa kose, ntibibuza gukomeza kuba **ibyemerwa** gusa. Brw5/22

Ntabwo ari umusingi wizewe ku buryo wakubakirwaho ubuzima bushya. Brw5/23

None ubwo ngarutse muri mwe nyuze muri aya Mabarwa, ndimo ndagerageza nanone uko nshoboye – nkurikije imyumvire yanyu ya kimuntu – kubashushanyiriza ***Ikirukuri - Isoko yanyu y'Ukuba – yatangije impuzahose n'imibereho ubwayo.*** Brw5/24

Nk'uko byagenze hashize imyaka 2000, ***ubu naje nyuze muri aya Mabarwa kugira ngo nubake ishingiro ry'iterambere nya-roho riri imbere mu kinyagihumbi gikurikiraho. Iterambere nya-roho⁵ ryanyu rishobora guturuka gusa ku mibonere yanyu yimbitse n'imyumvire ya kamere y'imibereho n'... 'ICYO'... CYABAZANYE MU KUBA.*** Brw5/25

Kubera ko icyo ***mubona*** neza ari cyo kirema imibereho yanyu. Brw5/26

Kubera ko mutasobanukiwe inkomoko nya-roho yanyu nyakuri, inyokomuntu ihora yishora mu ntambara, kandi yanaremye imibereho yo ku isi iri icyarimwe igisebo ku ibonunumva nya-muntu⁶ n'isoko y'imibabaro inyuranye ya muntu. Brw5/27

Kubera iyo mpamvu – ndimo ***NDOHEREZA-NDARASIRIZA-UBUBASHA BUSESUYE BW'IBONUNUMVA RY'UBU-KRISTU BWANJYE*** kugira ngo mbazanire ***UKURI KW'IMIBEREHO*** mu buryo bw'amagambo yumvikana kandi agezweho, kugira ngo mbashoboze kubaka ibonunumva rishya n'ubumenyi bw' ***Ukuri uko kuri nyabyo'***- aho kubareka ngo mukomeze kwizirika kuri biriya byemerwa bitari byo mwigishijwe, cyangwa mwazaniwe n'umuco karande. Brw5/28

Mu kuyakoresha no kuyumva, ayo magambo azagera aho ababyutsamo icyubahiro, urukundo n'imyumvire nya-roho bingana – ***cyangwa biruta*** – ibyo mwumvaga mbere iyo mwakoreshaga ijamba 'Imana'. Kubera ko yuzuyemo igisobanuro mpuzahose, ayo magambo arushijeho kuba aboneye bizarangira abujujemo ububasha nya-roho igihe muyakoresha mubona neza inyito yayo. Brw5/29

Nje kubabwira ko nimusukura ibonunumva ryanyu, mukarimaramo ibitekerezo nya-muntu bidahwitse n'imbamutima⁷ zigendana n'irari rya jye-babona, kandi ntimurambirwe kwimanukamo no kuzamura ibonunumva ryanyu kugeza ku

⁵ Spiritual (*)

⁶ Human (*)

⁷ Feelings (*)

Mpuzahose, muzatangira kumva ububasha nya-roho bwuzura muri gatekerezi yanyu, ndetse amaherezo no mu mubiri wanyu wose. Brw5/30

Ni yo mpamvu inyigisho zanjye zigambiriye **gusa** kubafasha gufungura ibonunumva ryanyu ku bushyashya bw'ubuzima, amagara n'imbaraga nya-roho, kugira ngo mushobore kureka imibereho yanyu ishaje y'ubuzima bugufi kandi budashimishije, kandi mubone isoko nshya y'ibyishimo bituruka imbere n'ubwuzurizwe bw'icyo mukeneye cyose. Brw5/31

Ibyo mvuze mubitekerezeho. Ntabwo nabazaniye za 'mwagombye' cyangwa 'ntimwagombye', cyangwa izindi nzitizi ziteye ipfunwe, mwebwe ubwanyu mudashaka kwigerekaho. Ni byo koko nazanywe no kubabwira uko 'amaforoma y'ibonunumva' yanyu yifitemo ubuzima, amaherezo akigaragaza mu isi yanyu, ariko mbihariye ugushyira mu gaciro kwanyu guhitamo ibitekerezo bizima, ibikorwa by'urukundo, n'inzira nyayo ijyana mu byishimo n'ubwuzurizwe, nimumara kumva neza kamere nyakuri y'iremwa. Brw5/32.

Naje kandi mu mbaraga zose z'**Ububasha** bwanjye **Kristu ngo mbafashe** kumva neza ko nta nzitiro ziri hagati yanyu n'...'ICYO'... **CYABAZANYE MU KUBA** – usibye izo mwaremye mwebwe ubwanyu kubera kutamenya **Amategeko y'Imibereho**. Brw5/33

Naje kubafasha kvanaho inzitiro murikira ubujiji bwanyu bwa none no kubigisha uburyo bwo gufungura ibonunumva ryanyu – ukuba kwanyu kose – ngo mwinjirwemo n'**ICYO CYABAZANYE MU KUBA**. Brw5/34

Reka nongere NSUBIREMO: tubisesenguye neza, inyigisho zanjye zigambiriye **gusa** kubafasha gufungura ibonunumva ryanyu ku bushyashya bw'ubuzima, amagara n'imbaraga nya-roho, kugira ngo mushobore kureka imibereho yanyu ishaje y'ubuzima bugufi kandi budashimishije, kandi mubone isoko nshya y'ibyishimo bituruka imbere n'ubwuzurizwe bw'icyo mukeneye cyose. **Ndabifurizanya Urukundo Nya-mana kugera kuri iyo miterere y'ukuba y'ikirenga mbere y'uko mwinjira mu rwego rw'ubuzima rukurikiraho, kugira ngo muzatambuke nta mubabaro kandi muzambuke mwiteze ibyiza bihebuje**. Brw5/35

Iyi ni yo ntego yonyine yatumye nandika aya **Mabaruwa**. Brw5/36

Iyo nteruro maze kuvuga ni uburyo bwo gusubiramo mu magambo arusha uruhato⁸ n'ububasha ibyo navuze igihe nari ku isi ngira nti: 'Nimushakashake mbere na mbere Ubwami bw'Ijuru, ibyiza byose muzabigerekerwaho'. Brw5/37

Ibyo sinabivuze ndeshya abantu ngo babe 'beza'. Navuze ihame ry'imibereho. Brw5/38

⁸ Compelling (*)

Mugomba kandi kumva mu buryo bwuzuye kandi busobanutse ko '**ICYO**' ... mwita 'Imana' jye nita "**IMPUZAHOSE**", nta kintu *nya-muntu* na kimwe gifite mu byo amadini menshi a**Kitirira**. Brw5/39

Urugero: ibirango nya-muntu nk'umujinya, ibikangisho n'ibihano, bijyana n'imiterere ya muntu gusa. Brw5/40

Nongere nsubiremo: Jyewe, Kristu, namanutse kwandikisha aya **Mabaruwa** ngambiriye kuvana muri gatekerezi z'abantu 'imvugo-nshushanya ya kimuntu' yahimbwe n'abahanuzi. Ni umugambi wanjye ndakuka kuyisimbuza ibisobanuramiterere by'**UBUBASHA – IBONUNUMVA MPUZAHOSE** rirema nyakuri impuzahose igaragara, rikayigendamo imbere kandi rikayishyigikira, kimwe n'izindi nzego ziba hakurya y'imibonere n'imyumvire yanyu ya none. Brw5/41

Naje kandi kubabwira ko izo mpuzahose cyangwa inzego zizafungurwa kandi zikagerwaho n'ibonunumva ryanyu, igihe ubumenyi bwavuzwe muri aya **Mabaruwa** buzaba bwacengeye, bukaba icyo ibonunumva ryanyu riyariye rikozwemo nyirizina. Brw5/42

Amaherezo, urupfu ruzageraho rwumvwe nk'inzira ishimishije iva mu mibereho ifite imbibi ikajya mu yindi irushijeho kuba myiza no kugira ububasha. Muzamenya ko igihe muzaba mufite roho isukuye nk'uko bigomba, kandi igihe kikaba kigeze cyo gusohoka mu gisaho cy'umubiri wanyu, muzagenda muruhuwe no kuba mutakigira inzitizi nyamubiri, mukinjira mu rwego rw'urukundo n'ubuzima bwiza kandi butanganje. Brw5/43

Muzabona urupfu nk'icyo rushobora kuba cyo – kandi koko ruri kuri roho zamurikiwe – inzira y'ikuzo – impano y'ubuzima bwisumbuye, ubuhanzi bwisumbuye n'ubunararibonye bwo "kuba mu byishimo birenze urugero" mutigeze munarota. Brw5/44

Ndashaka kandi kwerekana ko abantu benshi cyane bizera ko bashobora kubaho mu mudendezo kubera gukurikira abigisha amagana banyuranye b' 'imitekerereze nnyabuzima'⁹. Bavuga ko guhindura ibonunumva ryanyu bizahindura ubuzima bwanyu. Ibi ni byo ku ruhande rumwe, ariko ku bashakashatsi batera imbere mu bya roho, iryo hinduka mu ibonunumva risiga umwuma wa roho n'irari ry'inyongera. Brw5/45

Iyo 'nyongera' roho ishaka, ni ugushyikirana no kongera kuba umwe n'**ISOKO** yayo **YUKUBA**. Nubwo ushobora kuba warakuye imikurire nya-roho imwe n'imwe mu gukurikira inzira yo kubona gusa icyiza, icy'ukuri n'icy'urukundo, ukomeza kuba ikiremwa gikora cyonyine mu ifasi yawe bwite iboheye ku isi, udafashijwe n'**Impuzahose ihoraho itagira iherezo**. Iyo umaze kumva neza **kamere y'Impuzahose** hanyuma ukaganisha ibitekerezo byawe mu gushaka umushyikirano

⁹ Positive thinking (*)

nyakuri na yo, utangira kubona ko utari wenyine – ko ushyigikiwe n'**Ikirukuri** gishyigikiye impuzahose. Brw5/46

Kandi iyo mvuze ngo: 'gushyikirana na YO by'ukuri', mba nshatse kuvuga ko isengesho ryo gutakamba usaba iki cyangwa kiriya atari ugushyikirana by'ukuri n'ISOKO yanyu Y'UKUBA. Brw5/47

Isengesho ryawe koko ryakirwa mu **Isoko y'Ukuba**, ndetse igisubizo akenshi ukagihabwa vuba, n'icyari gikenewe kikuzuzwa ndetse uko wagisabye. Ariko umushyikirano nyawo n'**Isoko** yanyu **y'Ukuba**, ushoboka gusa iyo wasukuye bihagije ibonunumva ryawe, ukavanamo irari ridahwitse rya babona nya-muntu, kandi ukaba warafashe igihe cyo kwimanukamo no kwagura ibonunumva ryawe, 'ugana' **Isoko** yanyu ku buryo butaretsa kandi bufite imbaraga z'imbamutima, ushakisha umushyikirano, kuvugurura no kugarurira roho ubuyanja. Brw5/48

Iyo ni yo ntego nyakuri iri inyuma y'imibereho. **Urujya n'uruza ruhoraho** rw'umushyikirano hagati **y'Isoko y'Ikiriho cyose** n'ibyaremwe. Brw5/49

Aha ndagira ngo mbibutse ko igihe nabaga ku isi, nasobanuriraga cyane, buri muni, Abayahudi ko "ku bwanjye jyenyine nta cyo nashoboraga gukora". Brw5/50

Nahamyaga ndahwema ko 'ari 'Data' ikora umurimo, atari jyewe'. Brw5/51

Naje muri iki gihe kubashoboza kuva mu ibonunumva nya-muntu riziritse ku isi, mugana ku ry'imurikirwa, aho umuntu amenya ko noneho agiye yamenya **Ukuri kw'Ukuba**. Brw5/52

Nta gushidikanya, abanyamadini basenga cyane, bacengejwemo ku buryo budasibangana amahame y'idini n'ubuvugamana¹⁰ – Abayahudi, Abakirisitu, Abayisilamu, Abahindu, n'abandi bese bo mu madini anyuranye, bazasanga bigoye – ndetse binababaza – mu ikubitiro, kwakira no gukoresha neza aya **Mabarwa** – kubera ko: Gatekerezi yateguwe igatekerwamo iba imeze nk'urutare. Ibyemerwa bitsimbaraweho, bikoreshwa nk'impigi, nk'imbamutima n'ibyiringiro bitanga imbaraga mu bihe by'amage, biba byarisharaganye impirita¹¹ mu nsi y'ibonunumva, kandi bikigiramo ku busanzwe ubwoba bwo 'gucumura ku Mana' iyo umuntu arangamiye kwimuka agana ku Kuri kwisumbuye. Hatabonetse icyifuzo kitaryarya cyo kumenya **UKURI KW'UKUBA** mu mwanya w'imyemerere-karande, bene iyo myubakire-mutwe ntishobora gusenywa muri gatekerezi no mu mbamutima, kandi izitira iterambere nyaryo rya roho. Brw5/53

¹⁰ Theology (*)

¹¹ Imprinted (*)

Naje ngambiriye gufasha ababifitiye ubushake kurenga izo nzitiro zibuza kugera ku imurikirwa nyakuri. Bityo rero, niba wumva muri wowe ko amagambo yanditse muri aya mapaji ari **UKURI**, kandi ukumva agukurura, izere ko wujuje ibya ngombwa byo gutangira urugendo nya-roho rwanditse muri aya **Mabaruwa**, kandi ko nkuri hafi kugira ngo nguhe ubutwari bwo gutwaza kugera ugeze ku ntego yawe – imurikirwa nyaryo rya roho, ubushyashya bw’ubuzima, imbaraga z’ubushake no gushyika ku cyo nise ‘Ubwami bw’Ijuru’. Brw5/54

Buri muni, kwimanukamo nyakuri n’isengesho bizatuma haba isukurwa rya gatekerezi, maze gahoro gahoro **UKURI n’UGUSOBANUKIRWA** bigende bisimbura imigani ishaje wigeze gukomeraho. Brw5/55

Ku mwaro w’inyigisho zikurikira, **Jyewe, Kristu**, ngomba kubibutsa ko iyanyu atari impuzahose ikomeye. Nk’uko mushobora kuba mubizi, mukurikije abahanga banyu muri siyansi, ‘ibifatika’ bikomeye, ikigize isi kigaragara, gikozwe mu by’ukuri n’utuvungukira tw’ingufu. Brw5/56

UKURI kw’UKUBA kw’urwego rwanyu rw’isi kubakiye kuri icyo kirukuri-shingiro cy’irema. Brw5/57

Kugira ngo mwumve inyigisho zanjye zerekeye Ukuri kw’Ukuba, ni ngombwa gusobanukirwa n’icyo ‘gisa n’ubusa’¹² gisasiye isi yaremwe yanyu yose. Brw5/58

Abenshi muri mwe bazi iryo hame ry’imibereho n’ubwenge gusa, ariko ntiragacengera na gato ngo rigere ku ibonunumva ryanyu maze ribahe imibonere mishya y’isi n’imibereho ubwayo. Mukomeje uko mwamye mu myaka ibihumbi n’ibihumbi, mutekereza ko isi yanyu ikomeye, ko imimerere y’umubiri n’ibindi biza birenze ububasha bwanyu. Mwibwira ko muri inzirakarengane z’imibereho. Nyamara ni ukubicurika. Imibereho yanyu ya buri muni igaragaza iyo myemerere. Bityo, ni ngombwa cyane kuri jye kugaruka ngo mbafashe kugera ku myumvire y’Ukuri yisumbuye. Brw5/59

Nk’uko nabivuze mu **Ibaruwa ya 1**, - maze kumurikirwa mu butayu, nagarutse mu isi yanjye y’imijyi n’imidugudu ya Palestina, maze mpita ntangira kugenga ‘uduce-ngizi tw’ibifatika’¹³ aho nabonaga hose ko ari ngombwa gufasha abakene n’imbabare. Brw5/60

Naje kubereka neza impamvu nashoboraga gukora ibintu nk’ibyo. Brw5/61

Nkuko nabibahishuriye mu **Ibaruwa ya 1**, - mu gihe nakiraga urumuri rusesuye mu butayu, neretswe ko ‘ibifatika’ mu by’ukuri bidakomeye. Ntabwo nahawe kumva neza ukuntu utuvungukira tw’amashanyarazi nise ‘ururabagirane rw’udukungugu’ twafataga

¹² Seeming emptiness (*)

¹³ Elements of matter (*)

imisusire y' 'ibifatika' bigaragara. Namenye gusa ko utwo 'dukungugu' twanyeganyegaga ku mirongo ihanitse y'umuvuduko muri GATEKEREZI Y'IMANA, kandi ko rero GATEKEREZI Y'IMANA yari mpuzahose. Brw5/62

Nabonye ko 'GATEKEREZI Y'IMANA' yari icyarimwe umuremyi – n'intimatima¹⁴ – y'ibintu byose mu irema nyirizina. Ibyo byo nari mbizi neza bidashidikanywa. Brw5/63

Nana'bonye' kandi bisesuye ko igitekerezo cya muntu, iyo cyuzuye imyemerere ihanye cyangwa imbamutima, kigira ingaruka bidasubirwaho ku migendekere yo kwigaragaza kw'ibifatika mu maforoma agaragara. Brw5/64

Bityo, gatekerezi ya muntu yashoboraga kuvangira – ndetse yavangiye - umugambi nyakuri wa 'GATEKEREZI Y'IMANA'. Brw5/65

Byabaye uguhumukirwa guteye urumeza n'ikuzo kuko imigani nigishwaga n'Abakuru b'idini ry'abayahudi byagaragaraga ko yari ifutanye maze igahita isibwa mu mutwe wanjye. Nakiriye ukuri nshishikaye kubera ko noneho nari numvise impamvu rubanda rwabaga mu butindi n'umubabaro. Ibi byaturukaga mu mitekerereze yabo bwite. Brw5/66

Nahawe kandi "kubona" **'imiryango y'utuvungukira tuzima'** siyansi yita 'ingirangingo' dukora muri buri kinyabuzima. Nabonaga nanumva ko **Ubusabane Nya-mana¹⁵** bugenga umurimo w'uturemangingo, twabaga dushishikaye twubaka kandi dusigasira ibice binyuranye by'imibiri y'ibinyabuzima n'ibimera byose, ibinini n'ibito. Ni yo mpamvu nifashishije cyane icyaro mu gutanga ingero zo kwerekana ko **'Data'** iba kandi igakorera muri buri kinyabuzima ko ku gasozi – nk'ibimera n'inyoni. Brw5/67

Nk'uko nabisobanuye neza mu **Mabaruwa 1-3**, nise **'Data'** 'GATEKEREZI Y'IMANA' kuko nashobojwe 'kureba' – kubona – **kamere** nyayo ya 'GATEKEREZI Y'IMANA', nkaba kandi nari niyemeje ko igihe nzagarukira mu baturage ba Palestina kubasobanurira ibyo nahishuriwe, bazumva neza ko ibyemerwa byabo bujijwe mu ibonnumva ryabo nyirizina n'Abakuru b'idini rya kiyahudi byari amafuti gusa. Brw5/68

Nabonye ko kamere nyayo ya **GATEKEREZI Y'IMANA** yari iforoma y'ikirenga nyirizina y'**Urukundo Nya-mana** kandi ko uru rwashoboraga kuboneka rukorera byuzuye muri buri kinyabuzima. Brw5/69

Nk'uko nabivuze mbere, ubwo bumenyi bwatumye nshobora gukora 'ibitangaza' no gutegeka ibice-ngizi by'ibintu¹⁶ aho byabaga bikwiye kandi bibaye ngombwa. Brw5/70

¹⁴ Substance

¹⁵ Divine Harmony

¹⁶ Control the elements

Neza neza nk'uko nifuzaga cyane gusenya imigani yari yarigaruriye gatekerezi z'Abayahudi muri Palestina, ubu noneho nshishikajwe no kubereka ko nyinshi mu ndangamyumvire¹⁷ zimirijwe imbere n'abahanga banyu zatewe no kwivumbura cyane ku mahame n'inyigisho-karande¹⁸ z'amadini mu myaka yashize. Brw5/71

Kugira ngo musobanukirwe n'aya magambo, mugomba kumenya ko kugeza ku gihe cya Daruwini, igihe Kiliziya zinyuranye za Gikristu zari ziganje mu kuyobora gatekerezi za rubanda, muri rusange byari byemewe ko impuzahose yari yararemwe neza neza nk'uko byanditse mu Gitabo cy'Intangiriro mu Kiragano cya Kera cya Bibiliya. Brw5/72

Igihe abahanga mu bya siyansi bageraje kuvuga ibyo bavumbuye n'indangamyumvire zabo, bagombye kuvuga ibyemerwa bishya byabo mu ruhando rw'iyobokamana ryabarwanyaga byimazeyo. Nk'inkurikizi y'ibyo, basanze ari ngombwa gushyira ingufu nyinshi za gatekerezi mu kwemeza ko ibyo Abahanuzi bavuze bitari byo. Mu kubigenza gutyo, gahunda yabo ituma batakaza icyerekezo gisobanutse maze na bo batangira kuyoborwa na jye-babona. Nyuma y'aho, **imyumvire ya kimeza iyo ari yo yose** itanzwe n'urugaga rw'abahanga mu bya siyansi yahitaga ihabwa urwamenyo igatabwa hirya n'abandi banyasiyansi. Kubera iyo mimerere muri gatekerezi, umunzani w'ubushakashatsi bw' 'Ukuri' wahengamiye gusa mu kwemera bidateshuka ubwenge bwa muntu¹⁹ n'imitekerereze ye iboneye²⁰, ari byo byafungiranye gatekerezi nya-muntu mu bintu bifatika²¹ mu kubona ibisubizo ku byerekeye inkomoko y'ubuzima n'imibereho. Brw5/73

Kubera izo mpamvu bimbereye ngombwa rwose kuvuguruza 'indangamyumvire za siyansi' zimwe na zimwe, nkerekana ko na zo zifutanye kimwe n'ingirwa 'kuri' z'Inyigisho-karande za Gikristu.

Mu kugera kuri zimwe muri izo 'ndangamyumvire', umunyasiyansi kimwe n'umunyakiliziya bashaye mu ndiri z'ibihimbano bitagira gihamya mu gusubiza ibibazo byamye na mbere binanira gusubizwa na gatekerezi yo ku isi yonyine. Brw5/74.

Imaze kubabwira ko intimatima y'isi yanyu y'ibifatika ikozwe mbere na mbere n'utuvungukira tw'amashanyarazi tuzunguzwa ku muvuduko uhanitse mu 'isanzure', siyansi yanyu ntishobora gusobanura '**impamvu**' utwo 'tuvungukira nyangufu' dufata ireme n'iforoma y' 'ibifatika', uretse kuvuga ingufu zo gukomatanyanya zigera aho zikarema ibice-ngizi by'ibintu. Brw5/75

Siyansi ntishobora kubabwira '**Imbaraga zikangura**' zihuriza utwo tuvungukira mu iforoma y'ibice-ngizi by'ibintu . Brw5/76

¹⁷ Theories (*)

¹⁸ Doctrines (*)

¹⁹ reason

²⁰ logic

²¹ materialism

Siyansi ntinashobora kandi kubabwira aho utwo tuvungukira nyangufu twaturutse bwa mbere, usibye kuvuga ko twarekuwe mu gihe cya 'Big Bang'²² bakeka ko ari yo yatanze mushyiguzi ya mbere y'irema. Brw5/77

Kubera iki 'Big Bang' itunguranye – iturika ry'iki? Ni iyihe Mushyiguzi²³ yari iriri inyuma? Brw5/78

Siyansi ivuga ibyerekeye amashanyarazi-rukuruzi ariko ntivuga aho zituruka bene izo mbaraga zigaragaza zikongera zikazimira. Zijya he? Kuki zigaruka? Ukurikije imibonere ya muntu, bisa nk'aho nta mikorere yumvikana irimo imbere cyangwa inyuma mu murimo wayo²⁴. Brw5/79

Siyansi ivuga ko amashanyarazi-rukuruzi 'gusa ari' - ikintu gisanzwe cy'imibereho – nyamara abyara umurimo uhanitse mu kurasa ku ntego no mu bwenge mu iforoma y'ibihumbi n'ibihumbagiza by' intimatima zigize impuzahose yanyu. Ibyo biza bite? Brw5/80

Nta na kimwe amashanyarazi-rukuruzi yazanye mu kuba kugaragara gatekerezi ya muntu yavuga ko kitagira intego cyangwa igisobanuro. Brw5/81

Siyansi yajijwe n'urwo rwego rw'irema rurusha izindi kuba ibanze na nyabuzima. Nta gisubizo cy'iki kibazo - **kuki** buri kintu cyose cyashyizwe ahagaragara n'umurimo w'ingufu z'impanga z'amashanyarazi-rukuruzi usanga iteka gifite icyerekezo, kigera ku ntego kandi kinogeye ubwenge –, nta na kimwe **gifite agaciro** muzavumbura mu bushakashatsi bw'inkomoko yanyu. Brw5/82

Kugeza siyansi ibashije gucukumbura no kuvumbura '**Ikirukuri**' cy' '**isanzure**' utuvungukira tw'amashanyarazi tw' 'ikiriho kigaragara' dushyigikiwemo, siyansi izahera ubuziraherezo inyuma y'inzugi zikinze z'ibifatika. Izabuzwa kugera ku Kuri guhoraho n'ubuhanga mpuzahose, idanangirwe mu migozi y'ubwenge nya-muntu bwonyine, ubwenge bukomoka gusa ku murimo ngiraherezo²⁵ w'ingirangingo z'ubwonko. Brw5/83

Ni kuri **kamere nyayo** y'**ISANZURE** nifuzza kugasogongeza, ariko mbere y'uko mbitangira, ni ngombwa ko mbanza kubatungira agatoki ibibazo byinshi bifite ireme. Brw5/84

²² Big Bang (*)

²³ Motivating Factor (*)

²⁴ W'amashanyarazi-rukuruzi

²⁵ Finite (*)

Uko ibihe byagiye bisimburana, ibyinshi mu byakozwe n’amashanyarazi-rukuruzi byagaragariye ubwenge, amaso n’ikorakora by’ibinyabuzima nk’aho ari ibintu bikomeye kandi birambye ubudahinduka. Ibyuma, ibiti, amabuye, ibinyabuzima, byose bibwiraga ko bikozwe n’ibifatika’ bikomeye, bifite ubuzima cyangwa bitabufite. Uhereye kuri uko kwemera ko impuzahose ikomeye, ntibitangaje ko abahanuzi nyamwuka²⁶ ba kera batekereje ko hari ‘Ikinyabubasha Kihariye’ gifite ingufu z’umurengera zo kurema ibifatika byose bikomeye by’impuzahose. Mu kwishushanyamo icyo ‘Kinyabubasha’, birumvikana ko babonye ishusho y’ ‘Umwami’ ugenzura impuzahose, ufite kamere yo guhoora igihe ahanganye n’imyifatire y’inyokomuntu yaremaga igihugu cyuzuye akaduruvayo. Brw5/85

Ari Abahanuzi ba kera, ari na siyansi ya none, ntibigeze baba hafi y’Ukuri kw’Imibereho. Brw5/86

Bombi bahushije Ukuri ku buryo bwuzuye. Brw5/87

Siyansi ivuga ko ubuzima bwatangiyeye igihe, mu buryo budasobanutse, uruhurirane **ruhwitse** rw’imvangavange²⁷ z’ubutabire rwavuyemo akaremangingo²⁸ gashobora kwikopora ubwako mo utundi twinshi nka ko, gakoresheje gutangiza izindi mvangavange z’ubutabire. Brw5/88

Uko gusobanura ububasha burenze urugero n’urusobe rurumbutse by’**IMBARAGA NYABUZIMA** uvuga ko **zigaragara kubera ko ‘zifite ububasha bwo kwikopora’**, bigaragaza ubukene shingiro bw’imyumvire n’imitetekereze ya siyansi yatanze indangamyumvire nk’iyo. Brw5/89

Ikindi kandi, igitekerezo ko urusobe nk’urwo rw’ibintu by’ubutabire – ‘bitifitemo ubuzima’²⁹ rushobora guhura mu buryo bwihariye – bw’impanuka – kugira ngo rutange imbuto itangaje nk’iyo yo “kwikopora”, ntikirasuzumwa ku buryo bwa siyansi. Brw5/90

Impamvu yabyo ni uko ubwenge buzitiye bwa muntu, n’ubwo bwakurikiza inzira ya siyansi, budashobora guhangara ubushoboke³⁰ butangaje nk’ubwo bwo “kwikopora” nta gitangiza. Bituma umuntu atekereza cyane ibijyanye n’ubumaji – ibijyanye n’ibyaturuka ku isoko umuntu atakeka, abahanga badatinyuka kwitegereza ngo batiha urwamenyo. Brw5/91

Uko kwemera butama gufatwa nk’ukugaragaza siyansi kurusha gutanga umusaruro w’indangamyumvire ‘zimirikiwe’ bikumiriwe n’amategeko nyabifatika³¹ siyansi

²⁶ Mystical (*)

²⁷ Combination (*)

²⁸ Molecule (*)

²⁹ Inanimate

³⁰ Eventuality (*)

³¹ Materialistic (*)

yishyiriyeho ngo ayigenge. Iyo nzitizi itambamiye iterambere rizaza rya siyansi, izakomeza kubuza siyansi gushakashaka uko bikwiye mu bya gatekerezi na roho, kugeza ubwo umushakashatsi wamurikiwe azahangara ibyumvikanwaho, agatinyuka kurenga umupaka uba hagati y' 'ibiboneka' n' 'ibitaboneka'. Brw5/92

Abahanuzi ba kera, iyo baza kubazanira iyo ndangamyumvire y'ukwikopora kw' uturemangingo nta kibazo bari kugira kuri ubwo 'bufindo'; bari kuvuga ko 'Imana' yakoze urwo ruhurirane rw'ubutabire ikaruhuheramo ubuzima. Ariko icyo na cyo nticyaba ari igisobanuro nyacyo. Brw5/93

Ni iyo ntekerezo nyobokamana³² ishaje, y' 'Imana yo Hejuru' 'ihangira kure', ibuza umunyasiyansi kujya mbere mu bitekerezo birushijeho kwigiramo ibonunumva nya-roho. Rero, n'ubwo siyansi isa n'iyipakuruye inyigisho zishaje, ikomeje kubohwa mu mitekerereze no kuzitirwa n'ubwoba bw'iby byemerwa bishaje nko mu kinyejana cya 19. Izo ndangamyumvire zikwiye urwamenyo izigira izayo kubera ko itarabona **'Ikirukuri' cy' Isoko yacu y'Ukuba**, inyuma na mo imbere mu karemangingo kazima. Brw5/94

Mu gukomeza kudutekerereza inkuru yayo y'irema, siyansi ihamya ko nyuma y'ukwirema' kw'uturemangingo tuzima twifitemo ubushobozi bwo kwikopora, "twisuganyije ku bwatwo" tuvamo akagirangingo kazima, (kanzinya ku buryo katagaragara urebesheje ijisho gusa), akaba ari ko kabaye itafari ryubaka ubutabarika bw'ibinyabuzima, birimo ibimera, udukoko, ibikururanda, inyoni, inyamaswa, n'umuntu ubwe. Bityo ibinyabuzima byose bikaba bifite umukurambere umwe – akaremangingo kazima ka mbere. Brw5/95

Siyansi ntishobora gusobanura impamvu uturemangingo twikopora twibumbiye hamwe mu ngirangingo nzima. Icyo gikomeje kuba iyobera kuri siyansi kugeza magingo aya. Brw5/96

Siyansi yanyu ibabwira ko ingirangingo nzima yikopora ubuziraherezo mu bihumbi n'ibihumbagiza by'amaforoma anyuranye. Ni ryo tafari ryubatse impuzahose igaragara. Ibyo bishoboka bite? Ni iyihe **mushyiguzi** itera uko kwikopora? Siyansi ntishobora kubisobanura. Yifungiraniye mu buhumyi bwite bwayo, yakuruye abantu ibamanura hamwe na yo mu buhumyi nyabifatika. Brw5/97

Ubu noneho, ingirangingo nzima ya mbere igomba kwitabwaho cyane n'uwo ari we wese ushaka kumenya mu by'ukuri urwego nya-roho n' **'Isoko Nyamukuru y'Imibereho'**, - kubera ko akaremangingo kazima ka mbere, n'ingirangingo nzima ya mbere, ari byo mpamo ya mbere na mbere y'**imikorere nya-bwenge** mu 'bifatika' – mu mpuzahose. Brw5/98

³² Religious concept

Ikirango cy'ibanze kigaragaza ubwenge n'ubushobozi bwo kumva, ni umurimo w'uruho rutwikiriye ingirangingo, rukayihya uburinzi n'ubuzima-giti. Mutekereze kuri icyo kigaragara³³ 'cy'agatangaza'. Brw5/99

Mu biyikikije, ingirangingo inyunyuzwa gusa intungamubiri *zatoranyijwe*, zinyuze mu ruhu. Brw5/100

Ingirangingo ntifata gusa intungamubiri *za ngombwa*, ahubwo, na nyuma yo kuzikoresha, yikiza ibishingwe binyuze muri urwo ruhu. Brw5/101

Mwagombye kwibaza ukuntu uruhu rugizwe n' 'ibifatika gusa' rw'ingirangingo itagaragarira ijisho, rushobora '*gutandukanya no guhitamo*' indyo ikenewe ngo ingirangingo iteze imbere igubwa-neza ryayo, hanyuma rukongera kujonjora bihagije ngo yikize ibishingwe biroze bitifuzwa? Brw5/102

Ntimubonamo se urwego ruhanitse rw'**ukurasa ku ntego** muri icyo mikorere yose, kandi se mwakeka mute ko uko kurasa ku ntego ari kigwirira³⁴? Brw5/103

Intego se si ikirango nyirizina cy'**Ubwenge**? Brw5/104

Si ibyo gusa, uruhu rw'ingirangingo rukomeza gukora uwo murimo wo gutoranya intungamubiri, no kwikiza ibishingwe inshuro zinyuranye ibihumbi n'ibihumbagiza mu buryo bunyuranye burebana no kuramba, mu bwoko bunyuranye bw'ibiremwa, n'ahantu hanyuranye. Iyo se si impamo y'**UKURASA KU NTEGO** igaragara muri buri gikorwa cya buri bwoko bw'ibiremwa, yaba udukoko, ibimera, ibikururanda, inyoni, inyamaswa n'ibiremwa-muntu? Brw5/105

None se ntimwavuga impuzahose nka **MUSHYIGUZI** ihamye kandi idahusha yo **KURASA KU NTEGO** igaragazwa mu rwego rw'ibigaragara 'bifatika'? Brw5/106

None se umwuka w' **UKURASA KU NTEGO** ni igice-ngizi nyabifatika – cyangwa ni igice-ngizi cy' 'ibonunumva '? Brw5/107

Kandi niba mwemera ko **KURASA KU INTEGO** ari mushyiguzi ndemyi ndahakanwa iri inyuma y'**IMIBEREHO**, ubwo mushobora gukomeza mukajya ku myumvire ikurikira y'impuzahose yanyu nk'igaragazwa riboneka ry' '**IGIPIMO NYA-BWENGE cy'impamvu n'inkurikizi**' kigaragara neza mu 'bifatika' nya-buzima. Kubera ko – niba ingirangingo nzima ishobora gutoranya intungamubiri iboneye, **yarangiza ikagena uburyo ibishingwe biroze bigomba kujugunywa** – icyo mikorere yonyine yerekana ibonunumva ry'uko hagomba kuba igogora, kandi ikanateganya ko hazavamo ibishingwe – kimwe n'uko ari ngombwa kujugunya ibyo bishingwe mu rwego rwo

³³ Phenomenon

³⁴ Accidental (*)

kubungabunga uburambe bw'ingirangingo. Iki se si ikimenyetso kigaragara cy'IGIPIMO NYA-BWENGE cy' 'impamvu n'inkurikizi'? Brw5/108

Byongeye – Siyansi ivuga ko ingirangingo yifitemo 'intimatima' yagereranywa n'ubwonko bw'ikiremhamuntu, kuko ihererekanya ubutumwa, kandi umurimo wayo uruta iyindi ukaba ari uwo gukusanya amakuru, nk' 'isomero' ritabika gusa amakuru arambuye yerekeye ingirangingo imwe, ahubwo yerekeye umubiri wose yubatsemo! Brw/5/109

Mu by'ukuri, Siyansi iramutse ibishakashatse, byagaragara ko ingirangingo nyirizina ari urwungano rw' 'ubutumwa' bw'ubutabire buhererekanywa ku buryo burasa ku ntogo, bwuzuye ubwenge kandi bwumvikana. Ibyo byashoboka bite **inkomoko** z'utaremangingo tw'ingirangingo zibaye gusa ibice-ngizi mburabuzima by'ubutabire? Mwaba mutemera se ko inyuma ya buri 'ntumwa itwaye ubutumwa' hari igitekerezo cy'ubwenge cyangwa ibonunumva? Kandi nimwitegereze ukuntu buhitse ubutumwa ingirangingo ziherekanya ngo zibungabunge ukwikopora uko bikwiye kw'ubwoko bumwe na bumwe mu myaka ibarirwa muri za miliyoni! Brw5/110

None rero, ni ryari mu irema 'ibonunumva' ryaseseye mu binyabuzima? Kandi ni gute igitekerezo nya-bwenge gipima kikanafata ibyemezo cyaje mu bwatsi bw'ibifatika bitagira ubuzima n'ibonunumva? Brw5/111

Nta bonunumva karemano, imikorere nk'iyi igendera cyane ku makuru kandi na yo ikayatanga, ibaho ite mu ngirangingo itaboneka urebesheje ijisho gusa? Imikorere nk'iyi **ntiva ku ibonunumva/bumenyi, ikerekana ukuhaba kw'ubuzima 'nya-bwenge' mu gace-mpurirwaho kabwo kari hasi y'utundi?** Brw5/112

Byongeye, ingirangingo nyabuzima rukumbi mu iforoma y'agakoko kagizwe n'ingirangingo imwe³⁵, ishobora kwigenza ikabaho mu biyikikije ubuzima bwayo bwihariye, kenshi bunahimbaje - cyangwa (ikabaho) nk'umugera ukora umurimo wawo kabuhariye mu kwica, wo kwibasira ibice byihariye mu binyabuzima. Cyangwa, ingirangingo ishobora guhama mu kinyabuzima kimwe, yuzuza umurimo wayo ukomeye cyane wo kubaka no gukenura igice iki n'iki cy'ikinyabuzima. Umurimo nk'uwo utanga 'ibifatika nyabuzima' bikwiranye – kandi *bikenewe* – n'urugingo irimo ikoraho – byaba ibice by'umubiri w'umuntu, iby'inyamaswa cyangwa iby'ikimera – nk'amano y'umuntu cyangwa impyiko, ubwoya cyangwa amahembe y'inyamaswa, amagaragamba³⁶ y'ifi n'amababa y'inyoni, igishishwa cy'igiti n'amababi ku mashami, amababi y'ururabo n'inkondo yarwo, amahembe y'ikinyugunyugu n'amababa yacyo abonerana, uruhu rw'igikururanda nk'ingona n'amenyo yayo, amaso y'uruvu n'uruhu rwarwo rwihinduranya amabara rushaka kwiyoberanya. Buri cyose muri ibyo bigaragara nyamubiri binyuranye kandi bisa nk'aho ntacyo bihuriyeho, biremwa

³⁵Bacterium : unicellular microorganism

³⁶ Fish scales

n’umurimo bwite, wihariye, w’ingirangingo nzima zisa ibihumbi n’ibihumbagiza. Brw5/113

Urebye uburumarare n’ubunyurane bw’umurimo ukorwa n’ingirangingo nzima imwe itagaragara urebesheje ijisho gusa – wakwemera ko impuzahose ikora bumashini? Brw5/114

Ibyo byajyaga gushoboka iyo ‘igifatika’ gikomotse ku murimo w’ingirangingo nk’izo cyajyaga kuba ari intanabwenge³⁷, kitagaragaza intego yumvikana cyangwa impamvu inyuma y’imibereho yacyo – kidafite ibonunumva bwite. Brw5/115.

Ariko si ko bimeze. Izo ngirangingo nzima *zimeze kimwe* zikorana nta makaraza imbere mu muntu cyangwa mu nyamaswa, ngo **zubake umwijima** n’imirimo inyuranye yawo imbere mu mubiri, ngo **zireme ijisho ry’urusobe** rifite intego bwite zo gushyira ikiremwa mu mushyikirano n’ibigikikije utaziguye kandi nya-bwenge, urimo n’ubufasha bw’ubwonko, cyangwa (ngo zireme) **amagufa akomeye**, yateganijwe nkana mu buryo busobekeranye n’imitsi n’imikaya, kugira ngo abashe gufatana n’andi mu nzira ziboneye zituma ikiremwa kibasha kuyega byuzuye kandi nta mugaga. Brw5/116

Ikindi kandi, ingirangingo nta na rimwe zivanga imwe mu murimo w’indi. Brw5/117

Iyo zirimo zirema impyiko, ntizirema ugutwi bitunguranye. Brw5/118

Iyo zirimo zirema umusatsi, ntizitangira bitunguranye kurema uruhu. Oya, ingirangingo zimwe zirema uruhu rumeraho imisatsi, izindi bimeze kimwe zikarema umusatsi. Itandukanyirizo hagati y’izikora uruhu n’izikora umusatsi, ni umurimo zikora umunota ku wundi ubuzima bwose. Kubera iki? Brw5/119

Ni iki ‘gishyigura kikanabwiriza’? Byaba se ari impanuka? Brw5/120

Ni ubuhe bwenge-ngizi³⁸ bwatangije imigendekere y’irema uko yakabaye kuva ku rwego rw’ibanze rw’irema ry’uduce-ngizi rudori uherye ku tuvungukira tw’amashanyarazi twigenga mu ‘isanzure’, guhuza uduce-ngizi ugakora ibinyabutabire³⁹, guhuza neza ibinyabutabire ugakora akaremangingo kazima, guhuza neza uturemangingo tuzima ugakora ingirangingo nzima ishobora gufata intungamubiri, gusohora ibishingwe, kubaka ikurikije amabwiriza yagenwe, kwigenza no kubungabunga ku buryo buhamye uwo muturirwa w’irema, mu myaka ibihumbi n’ibihumbagiza? Brw5/121

³⁷ Illogical

³⁸ Organising intelligence (*)

³⁹ Chemicals (*)

Si ibyo gusa ariko: ni izihe **'Mbaraga Zishishikaza'** zatekereje, zikanakuzanya intsinzi mu nzungano nzima n'ibinyabuzima, uburyo bunyuranye ibihumbi n'ibihumbagiza bwo kurumbura intanga z'ubwoko bwose – zaba iz'ibimera, udukoko, ibikururanda, inyoni, inyamaswa n'ibiremhamuntu, zikaremara buri cyose urwungano nya-bwenge rwo kororoka ruberanye n'imimerere y'ikirere, umusaruro w'ibimera mu karere, kugira ngo ukutazima kubungabungwe? Brw5/122

UKUTAZIMA se ko si impamo y'imikorere nya-bwenge irasa ku intego?
Brw5/123

Icyo gikorwa gihebuje cy'ubuhanzi kimaze kuzuzwa se, ntimwagombye kwibaza ukuntu buri bwoko nyabuzima bufite uburyo bwihariye bwo kurera urubyaro rwabwo, no kururengera igihe gishoboka cyose kugeza rubashije **KWIRWANAHO** rwonyine? Urwo se si **URUKUNDO RW'IREMA** rukora mu buryo buhanitse? Brw5/124

Ntimushobora kurangiza iri sesengura ku byo ubwenge nya-muntu bushobora kuvuga ku nkomoko y'ubuzima n'irema, mutavuze ku **'turemangingo tw'agaciro gahebuje tw'Indemangingo-fatizo'**⁴⁰, tuvugwa ko ari two dutwaye 'imbonerahamwe' y'ikinyabuzima cyose – ikimera cyangwa uruhinja. Byongeye, utwo turemangingo tw'Indemangingo-fatizo duha amabwiriza ingirangingo, tuzibwira ko zigomba kubaka zikurikije intangakarande⁴¹ zazanywe n'intanga. Brw5/125

Yego, ni byo, mu mwanya w'**Ubwenge** – siyansi yabahaye **'Indemangingo-fatizo'** (DNA) nk'isoko yanyu y'imibereho, umutware wanyu w'ikirenga, umuyobozi wanyu w'irema, uturemangingo nyabifatika tutagira intege irema ryose rigomba gushingiraho ukutazima kwaryo. Nimurangamire **Indemangingo-fatizo** nyirishema – **Umutware w'irema ryanyu!** Brw5/126

Ni hehe Indemangingo-fatizo zikura **ububasha bwo kuyoborana ubwenge?**
Brw5/127

Ubu noneho, siyansi irasa n'iyanyuzwe, kubera ko yashoboye gusobanura bihagije impamvu ubwoko bunyuranye bwikopora mu buryo bukwiriye kandi burambye. **Siyansi ishaka kubemeza ko muba mu mpuzahose ikora bumashini gusa; ko ikigaragara cy'ugukura gituruka mu mihindagurikire itungurana, no ku 'kurokoka kw'ibirusha ibindi kuberana n'aho biri'.** Brw5/128

Mwize ibinyabuzima binyuranye by'irema, ubwinshi bw'imikorere inyuranye ya buri bwoko bwuzuzanya, mushobora kwemera koko intekerezo nyabifatika nk'iyi idashoboka? Brw5/129

⁴⁰ DNA (*)

⁴¹ Chromosomes (*)

Ntabwo ari uruhurirane rw'impanuka niba, uyu munsu, kugira ngo mushobore gutahura **Ubwenge** busesuye buri inyuma y'irema, mufite abantu benshi b'abanyabwenge bakora ingendo zigoye kugira ngo bajye guperereza, guhamya no gufotora imiturire n'imigenzereze y'ibiremwa n'ibimera byo mu gasozi. Muganirirwa -kandi mukigishwa - n'uruhuri rw'ibikorwa n'amafoto y'**ibihimbaje** by'impuzahose yanyu. Brw5/130

Igihe nari ku isi, nta byiza bihebuje nk'ibyo nari mfite byo kwifashisha kugira ngo nigishe Abayahudi **Ukuri mpuzahose kw'Imibereho**. Amatungo yo mu rugo n'inyoni ni byo byonyine nari mfite byo gukoresha nk'ingero z'ubuhanzi butangaje, ubwenge n'**ibonunumva** bigaragara muri buri kinyabuzima. Nta hantu na hamwe byanditswe mu mavanjiri ko naganishaga kuri Yehova Usumbabyose Nyirububasha nk'Umuremyi, nk'uko byari bisanzwe mu Bayobozi b'abayahudi. Brw5/131

Oya, nerekeraga igiturage, indabo n'inyoni, nkagerageza kwereka abo twari dusangiye igihugu ko bari bakikijwe n'ibiremwa bihebuje ubwiza kandi bitangaje. Hashize imyaka ibihumbi bibiri mu rwego rwanyu, twaburaga imyumvire mishya ya siyansi mufite ubu, ngo dushobore kwitegereza no gusobanura bya gihanga ubukozi bw'icyo nitaga '**Data**' hirya no hino mu byari bidukikije. Brw5/132

Kugira ngo mutahure **ISOKO Y'UKUBA** yanyu nyakuri, mbasabye kwitegereza mwitonze urusobekerane n'ubunyurane, umuntu atabasha kwishushanya mu mutwe no gusobanura, by'umurimo ugana intego ugaragara by'ihangu mu ngurube n'ibigagari byo mu nyanja⁴². Brw5/133

None se gatekerezi nya-muntu yashobora kwigana umwe mu mirimo y'ibanze ikorwa – tuvuge – mu rwungano-ngogozo, rukusanya bwangu imisemburo n'inkaburadusoko⁴³ bikenewe mu igogora? Brw5/134

Gatekerezi ifite imbibi, idashobora kwiyumvisha neza imikorere y'irema igengwa n'ubumenyi kimeza, ishobora ite gutinyuka kwibwira ko ihamya idashidikanya – ku buryo budatinye kuvuguruzwa – ko yumva inkomoko nyakuri y'irema n'imbaraga zahaye iforoma ibiremwa? Brw5/135

Mbega umwirato? Aba bagabo bashobora gutekereza gusa bakurikije ibyo amaso yabo aberetse. Brw5/136

Ndebana impuhwe zuzuye urukundo ubujiji bwa siyansi ya none ngasagwa n'ibitwenge n'irari rigurumana ryo kugerura ubwibone bwabo. Kuko igihe cyose ntawe uzashobora gupfumura ubwirasi no kwigira intibeshya kwabo, Ukuri Guhoraho n'ubumenyi nyasiyansi bwa muntu ntibizashobora na rimwe guhura. Ariko *bigomba guhura*, bitabaye ibyo iterambere ry'umuntu mu bya roho ntirizava mu byimbo. Brw5/137

⁴² Penguins (*)

⁴³ Hormones ()

Gatekerezi nyasiyansi yuzuye cyane ubumenyi “bupimika” bwo mu bitabo, indangururo n’inganyagaciro byemewe, no gukenera kwemerwa n’abandi banyasiyansi, ku buryo idashobora gucengerwa buroho n’Abanyabwenge Bwisumbuye. Brw5/138

Mu izina ryanjye, ndasaba abasomyi b’aya **Mabaruwa** gushinga ishyirahamwe kugira ngo bahangane na Siyansi, maze babaze bati: ‘ni ryari mu iterambere ry’ isi ifatika’ **IBONUNUMVA** ryagaragaye bwa mbere? Brw5/139

Mbisubiyemo kandi nkomeje: nimubaze abanyasiyansi igihe ‘ibonunumva’ rigaragarira bwa mbere mu iterambere ry’isi. Mu ngirangingo nzima? Niba ari mu ngirangingo nzima, mubaze niba ryaragaragaye mu turemangingo tuzima twihuriza hamwe ngo dukore ingirangingo kandi yiyorose agahu kahanganywe ubwenge ku buryo gafata intungamubiri zatoranyijwe, kakajugunya ibishingwe bihumanye? Kamenya gate ibishingwe bihumanye? Niba kandi byagombye kwemerwa ko ibonunumva rishobora kuba riri mu turemangingo tuzima, ntimwashobora se kubaza niba ibirango by’ubutabire byaje kuba akaremangingo kazima bitari bifite na byo ‘ibonunumva’ ryaje kubisunika rikabyinjiza mu ruhurirane ntangabuzima rwabyaye akaremangingo? Kandi nyuma yo kugenda kigongogongo kugera kure bigeze aho mu nkomoko z’imibereho – ku birango by’ubutabire – mugomba nanone kubaza impamvu ‘ibonunumva’ rigomba gutangira kugaragara mu binyabutabire gusa – kuki hataba mu bice-ngizi ubuzima-giti bwafashemo iforoma bwa mbere – kandi niba ari mu bice-ngizi, kuki byahakanwa ko “ibonunumva” risunika utuvungukira tw’amashanyarazi ngo tureme ibice-ngizi? Guhakana ko ibyo bishoboka byaba binyuze ubwenge? Brw5/140

Kandi mumaze kugera kuri urwo rwego rw’ibishoboka, ntimwagombye se kuharenga mukabaza aho amashanyarazi-rukuruzi aturuka? Brw5/141

‘Ikirukuri’⁴⁴ cy’amashanyarazi ni ikihe, hirya y’utunyerezo tw’urumuri rukarishye siyansi ubu ivuga ko ari udushashi tw’urumuri (photons) n’utuvungukira tutugaragiye (électrons)? Brw5/142

‘Ikirukuri’ cya rukuruzi cyo se ni ikihe hirya y’ingufu z’impanga zo ‘gukurura no kwirukana’, mushyiguzi nyambaraga zazanye umutuzo n’umurongo mu kavuyo? Brw5/143

Mubaze Siyansi: “Ava he amashanyarazi-rukuruzi, yo nyirabayazana y’intambwe z’ibanze mu irema ry’impuzahose yifitemo umurongo, kandi itaranganwa akavuyo mu rusobekerane n’ubudasa by’akataraboneka?” Brw5/144

Ngiye noneho kugerageza kuvuga, mu magambo yanyu, **ICYO KINTU** gisumbye uruvugo, kandi magingo aya kirenze ‘imyumvire yose yihariye yo ku isi’. Ni yo mpamvu ubwenge, n’ubwo bufasha ubwonko kumva bya gatekerezi ibinyakuri nya-roho ndimo

⁴⁴ Reality

mbashyira imbere, bunarema uruzitiro mu nzira y’imyumvire n’ubunararibonye nyakuri mu bya roho. Brw5/145

Kubera ibyo, mufate ibyo ngiye kuvuga byerekeye **URWEGO MPUZAHOSE RUSUMBA IZINDI** nk’imirongo-nyobozi gusa – ibitekerezo, ‘igicucu cy’amaforoma y’ibonunumva’ y’**IKIRUKURI** kiri inyuma na mo imbere y’impuzahose yanyu. ((Mufate buri GITEKEREZO – kimwe ku kindi – mubizirikane)). Brw5/146

Ibyo ngiye gusobanura byose birimo imbere - kandi bikoze - mu IBONUNUMVA, nta bipimo n’imipaka. Niba mwarateye imbere bihagije mu bya roho ku buryo mushobora kunkurikira iyo, hakurya y’amagambo, muzatangira kumva ‘buroho’⁴⁵ ibyo ngerageza kubabwira byose. Amagambo azabayobora ku ‘nshushanyo’⁴⁶ nshya z’ukuba’ kwanyu kandi azibakingurire. Brw5/147

Nimutwaze! URUMURI ruzacengera gatekerezi yanyu buhoro buhoro, yenda mutanabizi, maze muzajye mubona imirabyo y’ubushishozi. Brw5/148

Hari benshi babonye ‘akarabyo k’ubushishozi’, bumva by’akanya gato ko bakabakabye akabaju k’Ibonunumva Nya-mana,’ hanyuma mu kudatinyuka gukomeza kwemera ko umwanya nk’uwo w’ugusobanukirwa ndengakamere ushobora kubaho, batangira kwibaza no gushidikanya, birangira bipakuruye ka gatonyanga k’ ‘Ibonunumva Nya-mana’ kari kabajemo. Mwirinde gukora ibyo. Ubwemeragato buzabasubiza inyuma, bubashimangire mu rwego nya-bintu rw’imibereho kurusha uko mushobora kubiyumvisha. Brw5/149

Icyo muhawe cyose mugashobora kucyakira – mujye mugikomeraho cyane kandi mweye gushidikanya. Brw/150

Gushidikanya bisenya iterambere ritaretsa, kuko byiremera ‘amaforoma y’ibonunumva’ bwite azavanaho ndetse akarandurana n’imizi ubushishozi mwari mwarabashije kugeraho. Brw5/151

Bityo, ihitamo ryanyu ry’ibitekerezo – kwemera cyangwa kutemera, ugushidikanya cyangwa kwiringira, byubaka cyangwa bigasenya iterambere ryanyu mu gushakisha UKURI. Brw5/152

Ubukanyu ubwo ari bwo bwose buhanagura mu ibonunumva ryanyu iterambere mwari mwaragezeho. Brw5/153

⁴⁵ Spiritually

⁴⁶ Vistas (*)

Byongeye kandi, uko mutera imbere mu kuri nya-roho, ni ko ibitekerezo byanyu birushaho kugira ububasha. Brw5/154

None rero, nimureme injyana nya-roho yanyu bwite kandi muyikomereho, ntimugire uwo mwemerera kuyivangamo no kuyica intege. Mutsimbarare ku myumvire mwari mugezeho. Mu bihe byo gushidikanya, mwogoge mu bitekerezo nnyabuzima⁴⁷, mukoresha gusubiramo amagambo atanga urumuri, mukomera ku mabwiriza ahumekewemo mwari mwarahawe igihe inkurikirane z’umuvumero w’ibonunumva ryanyu zari zisumbuye. Mukoresheje ubudacogora bwanyu, muhitamo amagambo yo gusubiramo arimo ‘utubaru twa zahabu’ y’Ukuri nya-roho, mugende mugaruka kuri urwo rwego rwisumbuye rw’ibonunumva. Mwoye kwihebera urujya n’uruza⁴⁸ rw’imbaraga z’ibonunumva nya-roho, kubera ubunebwe bwa gatekerezi, ngo muhinduke “nyamuja iyo bijya” mu bya roho. Brw5/155

Sinshobora gutsindagira bihagije icyo cyago cyo kwitambamira ubwanyu. Nimugihugukirane umwete. Brw5/156

Niba hari ibyo muzi ku nkuru z’ubuzima bwanjye muri Palestina, muzibuka ko nanjye byambayeho. Nababajwe n’urwo rujya n’uruza rw’ibonunumva nya-roho, kugeza ubwo mbonye ko ari ngombwa kujya kwiherera mu misozi, kugira ngo nshobore gusenga, kwimanukamo no kuvugurura imbaraga zanjye za roho. Brw5/157

Nuko rero, mujye mwumva ibihe byanyu by’ ‘umwuma’, ariko ntimukabihe inzira mwirekurira kinebwe impinduka mudashaka mu myifatire no mu maforoma nyagatekerezi/ndangamutima byanyu. Uko muzagenda mukogotana umurava ku **Isoko** yanyu **y’Ukuba**, mushakisha imbaraga nshya n’izamurwa ry’inkurikirane z’ibonunumva ryanyu, ni ko ibyo bihe njarupfu⁴⁹ bizagenda bigabanuka mu mbaraga n’ububure. Brw5/158

Mbisubiremo, mu bihe byose mujye mwitondera uburyo mukoresha gatekerezi zanyu! Mukore ku buryo imikorere nya-gatekerezi yanyu ihora ari iyubaka, ku buryo igira uruhare mu mikurire nya-roho yanyu bwite, aho kuyibera imbogamizi ihoraho. Brw159

.....

Mu gihe nari maze kuvuga ibyo byose kandi nkomeza kwandikisha ibyari bisigaye kuri iyi **Baruwa, uwandikaga amagambo yanjye** yatangiyeye gushidikanya yibaza ukuntu iyi **Baruwa** izakirwa na rubanda, kubera ko yumvaga yibanda cyane ku byakoroha kumva, ku buryo itabashaga gushishikaza rubanda yari imenyereye kwishushanya Ikinyabubasha, cyangwa Ikiriho cy’akataraboneka, cyangwa ‘Kindi Burundu’, cyaremye impuzahose. Brw5/160

⁴⁷ positive

⁴⁸ Ebb and flow

⁴⁹ Negative

Mu by'ukuri, nakoze uko nshoboye kose kugira ngo mvuge ubunini ndengabipimo bw'Ububasha bwakomotseho ibintu byose, ariko nk'uko nabivuze, sinshobora kuvuga mu magambo ya kimuntu ***Ikirukuri*** cy'**ISOKO y'UKUBA kwanyu**. Brw5/161

Roho zateye imbere mu rwego nya-roho, zigacengerwamo gato n'Ibonunumva Nya-mana, zivuga ko ubwo bunararibonye ari bwiza by'agatangaza, bwuje ikuzo, kandi budashobora kwibagirana na gato, – n'ubwo budashobora kuvugwa mu magambo ya kimuntu. Ubwo bunararibonye nya-mayobera, bushoboka iyo inkurikirane z'umuvumero wa gatekerezi zamaze kuzamuka, kandi ibonunumva ryose rigacengezwamo imirase y'Ibonunumva Nya-mana. Ni imimerere igendera ku 'byiyumvo', kurusha cyane uko igendera ku bwenge nya-gatekerezi n'ingirangingo z'ubwonko. Brw5/162

Muri ibi turimo, aho ngomba *gucengeza* muri gatekerezi no mu ngirangingo z'ubwonko z'umwanditsi wanjye inshushanyo⁵⁰ y'**Ikirukuri** cy'**ISOKO Y'UKUBA** kwanyu, na we akagomba gusemura mu magambo, ngomba kwitondera kutivanga n'ingufu nyinshi mu nkurikirane z'imivumero y'ibonunumva ingirangingo z'ubwonko bw'umwanditsi wanjye zikoreramwo. Habayeho ibihe gukomeza gukora byashoboraga gukurura icyago, nkajya mpagarika mudasobwa ye, kugira ngo ncimbure umushyikirano. Brw5/163

Mbere y'uko mutangira kwiga, kuzirikana no kumira amapaji akurikira, ndashaka gusobanurira abasoma aya Mabarurwa bese, ko intego nkurikiye mu kuza nyanyuzemo, ari mbere na mbere guhashya imigani yamvuzweho no ku nyigisho zanjye. Ndashaka ko amahame n'inyigishokarande by'amadini birangira bizize urw'ikirago, ku isi yose, – urupfu rwuzuye nk'urw'ibitambo by'inyamaswa muri Hekaru ya Salomoni. Brw5/164

Icya kabiri, nazanywe kandi no gufasha za kiliziya kurekura imyumvire yazo ishaje y' 'Imana' n' 'icyaha'. Igihe cyose mutaratangira kwumva neza ko buri muntu ari we wirengereye inzira anyuzamo ubuzima bwe, nta terambere nya-roho nyakuri rishoboka. Brw5/165

Icya gatatu, nazanywe no gusiba mu mitwe yanyu amashusho y' 'Imana Ishobora byose' ihebuje ubwiza n'ubwema, ifite ububasha butagira iherezo, ihemba intungane igahana 'abagome'. Iyo myemerere irafutamyeye rwose - n'ubwo ibahumuriza. Brw5/166

Icya kane, ndabasobanurira Ukuri kw'Ukuba, kugira ngo amaherezo mpanagure mu mitwe yanyu imyumvire ishaje y' 'Imana' ngo itetse ijabiho, ahantu mu ijuru, bivugwa ko Yaremye mu gihe gito isi n'ibiyirimo byose. Brw5/167

⁵⁰ Description

Icyo gatanu, naje ngambiriye gufasha siyansi kubaka iteme hagati y'IBONUNUMVA MPUZAHOSE n'ivuka ry'utuvungukira tw'amashanyarazi. Icyo kiraro kidahari hagati y'Urwego Nya-roho Rutagaragara n' isi Igaragara y' 'ibifatika', siyansi izakomeza guheranwa n'ibitekerezo n'intekerezo bishaje, aho kujya mbere mu byerekezo bishya by'ushakashatsi nya-roho/nya-siyansi, igamije guteza imbere inyokomuntu. Brw5/168

Naje kandi kubereka KAMERE NYAKURI y'... 'ICYO'... CYABAZANYE MU KUBA – kikabaha UBUZIMA-GITI. Kuko, mudafite ubwo bumenyi buzabahishurira 'kamere' y' 'ukuba kwanyu, kw'inyabibiri nyamara gusobekeranye ku buryo bwuzuye', Roho n'umubiri, namwe muzakomeza guhera ku rwego rumwe rw'ibonunumva nk'urwo muriho ubu ngubu. Brw5/169

**Ndashaka kwerekana neza ko:
'Nta kintu na kimwe kiva mu busa'. Brw5/170**

Uyu ni umugani uzwi hagati yanyu, kandi uvuga ukuri nyabyo. Brw5/171

Nyamara hari ISHINGIRO ry'UKUBA rihoraho, rihamye kandi ritagira iherezo –iryo ni RYO ngiye kubahishurira. Brw5/172

Ntabwo 'mwaremwe' – mwakuye 'ukuba' kwanyu kuri **RYO**. Brw5/173

Birumvikana ko mudashobora kuba mwaravuye ku kintu kitagize aho gihuriye n'ibonunumva ryanyu. Ndimo ndasaba umwanditsi wanjye guhitamo ingero zisanzwe, zumvikana:

Ntabwo ushobora kuvana mu icupa imbuto ziseye zo gushyira ku mugati, ngo hanyuma usange zari inyama ziseye. Brw5/174

Ntabwo ushobora gukamura icunga ngo uvane mu mutobe waryo inzoga ya tangawizi. Brw/175

Ntushobora guhaga umwuka mu mupira, ngo nuwuturitsa usange wari wuzuye umushongi w'inyama. Brw5/176

Izo ngero zose zahiswemo n'umwanditsi wanjye ni ingero z'inyurabwenge. Brw5/177

Ndashaka ko mubona ko impuzahose yanyu yose, ari ingaragazo⁵¹ y'inyurabwenge n'inkurikizi nyurabwenge zihamye zituruka ku mpamvu bifatanye. Brw5/178.

⁵¹ Manifestation

Impuzahose yanyu ni IMPAMVU N’INKURIKIZI byashyizwe ahagaragara. Brw5/179

Iri ni ihame ridakuka ry’imibereho. Iyo habayeho ibintu bita umurongo, nk’ubunararibonye budasanze cyangwa ugukira kw’abarwayi gutunguranye, umuntu usanzwe ariyamirira mu gutungurwa, naho siyansi ikanga kwemera ko ikintu nk’icyo gishoboka. Uko ibisobanuro byanjye bizagenda birushaho kwimbika, amaherezo muzumva ukuntu uko kuva mu murongo gushyika – mu buryo nyurabwenge kandi bugera ku ntego. Mu yandi magambo, uko kuva mu murongo uzwi gukurikiza amategeko nyaroho kimeza, kandi iteka kugakorera intego ya ngombwa. Nta na hamwe mu irema wasanga ububurabwenge – n’iyo haba mu kimonyo cyangwa isazi – kereka gatekerezi y’ikintu yaravukanye ubumuga cyangwa yarononwe. Brw5/180

Rero biragaragara: mubaho kandi mugakorera mu mpuzahose nyabifatika igaragaza urwego ruhanitse rw’ubwenge n’imikorere irasa ku ntego mu irema ry’ ‘ibifatika’ ubwabyo, mu mibiri nyabifatika y’ibiremwa-giti byose, kuva ku bimera kugeza ku biremwamuntu. Brw5/181

Ikibabaje, urwo rwego ruhanitse rw’ **UBWENGE** no **GUKURIKIRANA URASA KU NTEGO**, ni ruto cyane mu ibonunumva usangana **ibiremwa ubwabyo, guhera ku bimera kugera ku bantu**. Brw5/182

Mu yandi magambo, IMIBIRI mutwayemo ubuzima bwanyu, mutekerezamo, mwumvamo, mukoreramo ibibaje mu mutwe, igaragaza mu ngingo zayo nyabifatika, no mu bice byayo bikora, urwego rw’ubwenge n’umugambi w’urukundo rurenze kure cyane urw’ibonunumva nya-muntu ryanyu. Brw5/183

Inyungu z’umuntu zizingiye cyane cyane mu bibazo by’amaramuko ya buri muni ku giti cye, mu kwinezeza, n’ubunyurwe bw’umutima n’umubiri. Brw5/184.

Kugira ngo bagere kuri izo ntego, abenshi bakoresha gusa ibintu byakozwe mu ‘bifatika’. Yemwe na gatekerezi z’abanyasiyansi ntizishobora guhishura amabanga ahishe y’imibereho yo ku isi, kandi ubuzobere nyasiyansi bwabo bwose ntibubabuza gukererezwa na gatebe gatoki z’imibereho kimwe n’abatarigeze biga na gato. Brw5/185

Bityo rero, ni umwanzuro nyurabwenge ko **‘ICYO’ mwakomoyeho** ukuba nyabifatika kwanyu ari kimwe cy’**INDENGABIPIMO – atari mu bunini gusa, ahubwo INDENGABIPIMO mu MBARAGABUSHAKE⁵²: ubushake bwo kwigaragaza no guhanga**. Brw5/186

⁵² Willpower (*)

Nimwitegereze gato – umubyimba w’impuzahose y’ibifatika, IZUBA n’ubushyuhe bwaryo, Ukwezi, umubumbe w’isi n’urwungano rw’izuba, injeje z’inyenyeri, n’ukuntu ibyo bifatika bigaragara byose bikeneranye nyamara bikanagengwa n’umuyego w’imibumbe, n’Amategeko Mpuzahose y’imikorere n’umuyego bihamye. Iyo mpuzahose yagutse yakuye isoko yayo mu – kandi ikomorwa ku - **ISHINGIRO ry’UKUBA kwanyu** – kandi **IMBARAGA/BUYANJA Z’UBUZIMA** uko zakabaye mu mpuzahose zakomowe nanone muri iryo **SHINGIRO ry’ UKUBA**. Brw5/187

Rero ntimutangare nimusanga, mu muhate nshyiraho mu kubasesengurira **INGINGO NYA-ROHO Z’ISOKO YANYU Y’UKUBA**, izo ngingo muzi icyo ari cyo, kandi (nimusanga) mufite namwe ubwanyu, ku rugero ruto cyane, izo ngingo nya-roho z’ibonunumva. Brw5/188

Mwakomoye icyo muri cyo cyose – kuri roho, muri gatekerezi, mu mutima, ku mubiri – ku **ISOKO** yanyu **Y’UKUBA**. Brw5/189

Mbere y’uko mbasobanurira uko ibyo bishoboka, ndashaka ko mubanza gutera intambwe zifasha gatekerezi zanyu gucengerwamo n’uburengabipimo bw’... **‘ICYO’** ... mwakomoyeho ukuba kwanyu. Brw5/190

Nimumara gusoma amapaji akurikira kugeza ku mpera y’ **Ibaruwa** yanjye, mufate buri gika ubwacyo mukizirikane kandi mukishushanye, kuko ni muri ubwo buryo bwonyine ‘amagambo’ azatangira gukura mu kwigaragaza, kandi agafata **ikirukuri nya-roho cy’igisobanuro nyacyo** cyayo. Brw5/191

BYOSE (ibinyaroho/ibiboneka/ibitaboneka/ibyishushanywa) ni IBONUNUMVA/BUMENYI ryashyizwe ahagaragara. Brw5/192

Kamere remezo mbumbabyose y’IBONUNUMVA ni UBUMENYI. Brw/193

Ntibishoboka kugira ibonunumva udafite ubumenyi. Brw5/194

Ibyo mubona byose, ibyo mukoraho byose, ibyo mwumvisha amatwi, n’umubiri, ibyo muzi, ni IBONUNUMVA/BUMENYI ryagaragajwe. Brw5/195

Nta kintu na kimwe mu mpuzahose *kitari* IBONUNUMVA ryagaragajwe. Brw5/196

IBONUNUMVA/BUMENYI ni nta-mbibi na nta-herezo. Brw5/197

Hari INZEGO EBYIRI z’IBONUNUMVA icyarimwe *hejuru na mo imbere* y’urwego nyasi rwanyu bwite rw’imibereho– urwego rw’ ‘ibifatika’ biremereye, rw’ ‘iforoma ikomeye’. Brw5/198 a

URWEGO MPUZAHOSE RW'IKIRENGA rw'IBONUNUMVA/BUMENYI
ntirushobora kumenywa byuzuye cyangwa nyabyo na roho yahawe
ubuzima-giti. Brw5/198 b

NI INDASHYIKIRWA. RURI MU BURINGANIRE. Brw5/199

Ni yo **SOKO YONYINE y' UBUBASHA** bwose, **UBWITONZI, URUKUNDO,**
UBWENGE. Brw5/200

URWEGO MPUZAHOSE RW'IBONUNUMVA/BUMENYI mu burunganire
ni imimerere y' **UBUCECE n'UMUTUZO**
ikomokamo ijwi, ibara, iforoma-giti, n'ubuhanzi bwose buboneka mu
mpuzahose igaragara. Brw5/201

Mu **RWEGO RW'IKIRENGA MPUZAHOSE rw'IBONUNUMVA/BUMENYI**
mu burunganire
ni ho havuye ibiremwa byose – inzego z'imibereho zinyuranye
zitagaragara, zigenda zimanuka mu byerekeye ubunyaroho kuva ku
miryango nyirizina
y' **URWEGO MPUZAHOSE** kugeza ku nkurikirane z'imivumero igenda gahoro
kurusha iyindi
y'ibifatika bitayega byo ku isi no hirya yayo, mu mahano atavugwa
y'umucuri w'ibonunumva n'irwanya-Kuri. Brw5/202

Urwo **RWEGO MPUZAHOSE RW'IKIRENGA rw'IBONUNUMVA/BUMENYI**
Ntiruba mu isanzure⁵³ gusa Brw5/203
NI ISANZURE YOSE. Brw5/204

RURI hose ubudatahurwa. Ku batekereza mu magambo
y'uduhuzatuvungukira⁵⁴ – wavuga ko
ari **ISANZURE** mu gahuzatuvungukira – kubera iyo mpamvu **RURI** 'mu
bucece no mu burunganire' mu 'isanzure' y'ibice-ngizi byose n' 'ibifatika'.
Brw/205

KAMERE Y'IBONUNUMVA MPUZAHOSE NI
UMUGAMBI wiruhukira kandi uri mu burunganire. Brw5/206

Bityo rero Ibonunumva Mpuzahose ni **UMUGAMBI** wuzuye **IMBARAGA**
utagira iherezo, uhoraho iteka, nta mbago, nta mupaka,
w'isugi, ukeye, mwiza. Brw5/207

Uwo MUGAMBI ni uwo

⁵³ Space

⁵⁴ Atoms

KUGARAGAZA KAMERE yawo. Brw5/208**UMUGAMBI****WA KAMERE y'IBONUNUMVA MPUZAHOSE****Ni IGITERANYO CY' UBUSHAKE & INTEGO****iteka bijishe mu 'buhoberane'.****Ubushake Mpuzahose ni: gusohoka no kurema.****Intego Mpuzahose ni: guha ibiremwa iforoma-giti no kuyumva⁵⁵.****Brw5/209*****Mu RWEGO RW'IKIRENGA MPUZAHOSE******RW'UMUGAMBI W'IBONUNUMVA/BUMENYI,******UBUSHAKE MPUZAHOSE buri mu mimerere y'ubukumirane******N'INTEGO MPUZAHOSE,******Byombi mu buringanire nta makemwa******MU BUCECE & UMUTUZO.******UBUSHAKE MPUZAHOSE ni UBWENGE MPUZAHOSE,******INTEGO MPUZAHOSE ni URUKUNDO MPUZAHOSE,******mu buringanire ku rwego mpuzahose - mu bukumirane, ari BYO ibintu******byose bigaragara n'ibitagaragara, na za mushyiguzi nya-muntu,******byakuyemo iforoma yabyo. Brw5/210******Muramutse mushoboye kwakira imbere muri mwe ubwanyu ubusendere******bw'IKIRUKURI MPUZAHOSE, mwashwanyuzwa n'ububasha buturitsi******BWARYO, mugashongera mu ibonunumva/bumenyi ritagira iforoma.******Brw5/211******Rirenze kure iforoma-giti ya muntu nk'uko ubushyuhe n'urumuri by'izuba******ryanyu birusha imbaraga inshuro ibihumbi n'ibihumbagiza urumuri rwa******twa tunyenyeri twanyu tunyenyetsa mu mwijima. Brw5/212***

Igihe nari ku isi, natandukanyaga 'So uri mu Ijuru' na**'So ubari mo imbere'**

Iyo navugaga

'So uri mu Ijuru'

Nashakaga kuvuga

UBWENGE MPUZAHOSE**Brw5/213****Kubera imyifatire y'Abayahudi ku byerekeye abagore, nerekezaga gusa kuri urwo ruhande rw'IBONUNUMVA MPUZAHOSE. Brw5/214**

⁵⁵ Experience it

Ubungubu, kuri mwebwe mubona-munumva neza uburinganire bw'ibitsina byombi, ndavuga:

'IBONUNUMVA-DATA-MAMA'
 mu buringanire
 mu IBONUNUMVA MPUZAHOSE/BUMENYI, aho
"Ibonunumva Data – ari- Ubwenge Mpuzahose,
"Ibonunumva Mama – ari- Urukundo Mpuzahose". Brw5/215

IGIKORESHO cy' imbaraga ndemyi z' 'Ibonunumva Data' – amashanyarazi
 kiri mu mimerere y'ubukumirane - mu buringanire hamwe
 n'IBIKORESHO by'imbaraga ndemyi z' 'Ibonunumva Mama' – *rukuruzi.*
 Brw5/216

Kubera ko ibikoreho bya 'DATA-MAMA': amashanyarazi-rukuruzi ari mu
 buringanire
 mu IBONUNUMVA MPUZAHOSE,
*NTA*zigera atahurwa mu ISANZURE n'abanyasiyansi, uko bajagajaga
 isanzure kose. Brw5/217

MUSHYIGUZI: 'UBUSHAKE bw'Ibonunumva Data' ni UBUKOZI
NYABWENGE
 - mu buringanire na -
MUSHYIGUZI: 'INTEGO y' Ibonunumva Mama' ni UBUKUZE buganisha ku
KURAMBA. Brw5/218

'IBONUNUMVA DATA-MAMA'
 ni AMABOKO⁵⁶ yuje ububasha atari gatozi⁵⁷ – n'ubwo aba gatozi kuri wowe
 na mbere y'uko ushaka gushyikirana na YO. Brw5/219

Uko mujya mbere mu bya roho muzaYumva – kuko ari YO NYAKURI
RY'UKUBA. Brw5/220

Ari hose no muri byose. Brw5/221

IBONUNUMVA DATA ni
URUKUNDO NYABWENGE Ruha isi y'amaforoma asobekeranye ingufu
nyabwenge n'injyana – rugaragara nyabifatika nk'amashanyarazi.
Brw5/222.

UMUGAMBI MAMA ni

⁵⁶ Force

⁵⁷ Personal

UBWENGE BWUJE URUKUNDO buha amaforoma-giti asobekeranye intego na mushyiguzi yo kuramba – bugaragara nka rukuruzi – kwihambira no kwigizayo.

**Izo ni zo MUSHYIGUZI MPUZAHOSE Z’IBANZE z’UKUBA KOSE KW’
IBONUNUMVA MPUZAHOSE
ISOKO yanyu Y’UKUBA – UBWENGE-URUKUNDO. Brw5/223**

Iyi ni yo **MIMERERE Y’UKUBA** mbere y’irema
IBONUNUMVA/BUMENYI mu MIMERERE Y’UBURINGANIRE. Brw5/224

Ndashaka ko mwongera kwiinjiramo mu mimerere y’uburinganire mbonanumva⁵⁸, aho igitekerezo cyose kigumishwa hamwe gatekerezi yanyu igaceceka. Murifashe imbere muri mwe, gatekerezi n’imbamutima byanyu ntibigitandukanijwe mu bukozi no kwiyumva. Birashoboka ko mwumva izamuka muri mwe ry’ububasha, ingufu, ituze, akanyamuneza. icyo, kibigaragajemo mu iforoma-giti, ni cyo **MIMERERE Y’UKUBA** irema ryakomotse. Brw5/225

Ndashaka ko mwitondera ko uburinganire budashoboka iyo igitekerezo kinjijwemo. Brw5/226

Ndagira ngo MWUMVE NEZA ko URWEGO MPUZAHOSE ari URWEGO rwa za MUSHYIGUZI zitagira iforoma. Nta gishushanyo-mbonera cy’irema kirurimo. Ruri mu mimerere y’IFOROMA IDACAGAGUYE. Brw5/227

Uburinganire – ubukumirane hagati ya **MUSHYIGUZI** zerekeranye – ‘kunyeganyega’ no ‘gukomeza kuzirikwa’, birema ruzigarukura⁵⁹ itagira iherezo y’ingufu ziizitiye⁶⁰. **INGUFU ZIIZITIYE z’UBUKUMIRANE** zirenze ububasha bw’ubu-giti⁶¹, emwe n’ubwo kwishushanya. Brw5/228

Nk’uko nabibabwiye mbere, ubu-giti bushoboye kwinjira mu **RWEGO MPUZAHOSE** rwa **MUSHYIGUZI ZIKUMIRANYE** z’ ‘Umuyego & Kuzirikwa’ – ubu-giti bwahita bushongeshwa bugasubizwa mu burunganire bw’**IBONUNUMVA MPUZAHOSE**. Nimwitegereze ububuragipimo butishushanywa bw’Ububasha buri mu **BUKUMIRANE** bwa **‘MUSHYIGUZI Z’IMPANGA** mu **IBONUNUMVA MPUZAHOSE** ari zo mbere na mbere

**IBONUNUMVA/UBUMENYI
UMUGAMBI
UBUSHAKE>>>><<<<INTEGO
UBWENGE URUKUNDO**

⁵⁸ Conscious (*)

⁵⁹ Spiral (*)

⁶⁰ Self-contained

⁶¹ individuality

bivanze nka

**Urukundo rwuje ubwenge & Ubwenge bwuje Urukundo
Mushyiguzi za: 'Umuyego kuzirika - kujugunya
AMASHANYARAZI....mu buringanire.... RUKURUZI. Brw5/229**

**Ibyo tumaze kubona bivuga URWEGO MPUZAHOSE RUTAGIRA IHEREZO
mbere ya BIG BANG! Brw5/230**

Ubu noneho murabizi ko *Inzira y'Irema ya Data-Mama n'ibikoresho bifatika by'irema* byose biri mu mimerere *y'uburinganire* mu **Rwego Mpuzahose**, ariko noneho ubwo **buringanire** bugomba guturika kugira ngo butange

UBU-GITI. Brw5/231

Murabizi nanone ko kubera ko **MUSHYIGUZI Zihoraho Zitagira Iherezo** ziri mu **bukumirane**, izo **MUSHYIGUZI** zifite umurego w'ingufu rutishushanywa – ugereranije na wo, ingufu zanyu zituruka mu iturika ry'impuzatuvungukira⁶² ni ka "puf" gusa, agacuro kanzinya katampaye agaciro. Brw5/232

Ndifuzza ko mwumva neza ibyo tumaze kuvuga, kuko kwiyumvisha neza kwanyu ibyabaye mu gihe cya Bing Bang bizabacira amarenga y'ibyabaye mu gihe **cy'isandara ry'IBONUNUMVA MPUZAHOSE** ryatumye iremwa ry'ubu-giti rishoboka. Brw5/233

**IBONUNUMVA MPUZAHOSE RYARASADUTSE
UBUSHAKE & INTEGO
UBWENGE 'Data' & RUKUNDORUKUZA 'Mama'
byarasandajwe ngo bikore kimwe ukwacyo kandi binafatanyije
Ibikoresho byabyo byari
Amashanyarazi & Rukuruzi. Brw5/234**

**Muri iryo turika ry'UBURINGANIRE haturutse
UMUGAMBI NYAMUKURU w'UKWIGARAGAZA,
'Ubumenyi Mpuzahose bw'UKUBA' bwahindutse
Mushyiguzi y'ibonunumva rya 'JYE' giti isaba kwigaragaza. Brw5/235**

**UBUZIMA n' ubu'JYE'we ni ruvugakimwe⁶³ mu rwego rw' 'ibifatika'.
Brw5/236**

Byahindutse ibonunumva ry' 'ibifatika'. Brw5/237

Ibonunumva ry' **UBUZIMA** ni iki? Brw5/238

⁶² Atom

⁶³ Synonymous

Ni **Ubwenge Data** Na **Urukundo Mama**
Mushyiguzi y’Umuyego **Mushyiguzi y’Intego-ubukuze-**
uburambe

Igaragara nk’Amashanyarazi Igaragara nka Rukuruzi
mu Bifatika. Brw5/239

Mushobora gutangira kwishushanya isandara ry’**IBONUNUMVA! ry’UBUMENYI!**
Brw5/240

Kugira ngo mbafashe kwishushanya gato uko byagenze igihe cya Bing Bang, nimugerageze kwibuka uko mwumvise mumeze namwe igihe byababayeho gusandara mu ibonunumva. Brw5/241

Ibyo biba iyo washyize ‘ukuba’ kwawe kwose mu kugera ku ntego ikomeye. Brw5/242

Uri hafi gutangira gahunda zawe, watangiye kuryoherwa n’uko biri bugende – hanyuma akantu k’ubusabusa cyangwa umuntu utagira umutima akakubuza kugera ku ntego ‘ukomeyeho’. Wakumva umeze ute? Brw5/243.

Uguhuguka kwawe kwacikamo nawe ugasandara. Aha nanone ndagomba kwitabaza umwanditsi wanjye ngo atekereze ingero zumvikana mu magambo ya kimuntu, **kuko n’akabonunumva ka nyuma ku isi** gakomoka ku **IBONUNUMVA MPUZAHOSE.** Brw5/244a

Uri ku kibuga cy’indege, urashishikaye witeguye kuguruka ngo ujye mu kiruhuko gitunguranye hakurya y’amazi. Ugeze kuri kontwari y’ibiro by’abagenzi, usanga nta mpapuro cyangwa tike, ndetse nta n’ubwo wanditswe mu bagenda, nta na hoteri iteganijwe ku izina ryawe, **kandi wari warabyishyuye ukoresheje ikarita.** Uzumva umeze ute? Brw5/244b

Wambaye imyenda ihenze, urimo urunguka unasangira n’abakiriya bakomeye, kandi uri hafi gusinya **amasezerano karahabutaka y’amamiriyoni.** Umuhereza akumennye ibiryo bishyushye ku mutwe. Uzumva umeze ute? Brw5/245

Ugiye guhaha hanyuma urasohotse ujya aho bahagarika imodoka usanga imipira n’inzugi by’imodoka yawe babivanyeho **ku manywa y’ihangu!** Brw5/246

Ugize impuhwe, ufunguye ikotomoni ugira ngo uhe ibiceri byawe byose umusabirizi wamugaye urimo uniha, ariko umugabo arahagurutse, agushikuje ikotomoni agenda yiruka nka Maguru ya Sarwaya. Uzumva umeze ute? Brw5/247

Muri izo ngero zose, warufite umugambi w’ibonunumva ukomeye ku ruhembe nyirizina rwa gatekerezi yawe. Umutwe wawe wari wuzuyemo umugambi wo gusohoka ugakora ikintu ugamije intego – mu mutuzo. **Umugambi wawe wari ukomatanyijwe n’intego yawe** – uri rero mu buringanire – ariko unitondere ko umurego wawe wagendaga wiyongera uko wagenda usatira intego yawe. Uko umurego wiyongera, ni ko guturika biza kurushaho. Brw5/248

Mu by'ukuri ubwo wari mu mimerere imwe n'

**IBONUNUMVA MPUZAHOSE/BUMENYI
UMUGAMBI**

UBWENGE 'Data' mu buringanire hamwe n'**INTEGO 'Mama'**
kugira ngo bihe ukuba n'iforoma umushinga ugambiriye guhanga. Brw5/249

Nyuma yo gusandara kwawe – wabasha kwishushanya akaduruvayo ka gatekerezi/mbamutima kakurikiraho, ukutabasha gutekereza ku murongo, ibitekerezo byajya biza, kimwe inyuma y'ikindi, bisaba kuvugwa – nta na kimwe muri byo kirimo ukwiyumva cyangwa inyurabwenge? Brw5/250

Gerageza kwiyumvisha ko WOVE – iforoma-giti – uri agasi gato gasangwamo byose bigize isi mpuzahose. Brw5/251

Uri **umutwe w'urushinge** ugaragaza **IBONUNUMVA MPUZAHOSE/BUMENYI**, ryaba mu buringanire iyo wimanukamo mu mutuzo w'igitekerezo, – cyangwa se nk'ibonunumva ririmo rikora, iyo utekereza uniyumva, ugacura umugambi kandi ugahanga. Brw5/252

Rero, nimushobora guhuza iturika rinziginya ry'ibonunumva ryanyu n'iturika 'ry'amajuru', murumvaho gake akajagari gakurikira, icyarimwe **muri ako kanya** - ku **RWEGO MPUZAHOSE** – no mu bihe bitabarika, ku rwego ruremwe bushyashya rugenda rwaguka rw' 'ibifatika' bitarafata iforoma. Brw5/253

Kubera iyo mpamvu, benshi muri mwe bazagomba kuvugurura, kuva mu ndiba kugera ku gasongero, imitekerereze yanyu ku birebana n'irema. Brw5/254

Ryatangiye nk'akaduruvayo karenze urugero. MUSHYIGUZI MPUZAHOSE zaratanye. Nta bishushanyo-mbonera byariho ngo biyobore cyangwa bicunge itangira ry'ubu-giti. MUSHYIGUZI zari zitaragira 'iforoma y'ibonunumva' n'imwe cyangwa icyerekezo. Zari **MUSHYIGUZI KIMEZA** zo gukora imirimo yidumbukiza⁶⁴ imwe n'imwe itandukanye mu **IBONUNUMVA**, ariko nta **Ngufu Nyobozi** zisumbuye zari ziziyoboye kinyurabwenge mu muyego cyangwa izirika byihariye. Zarikoreshaga. **MUSHYIGUZI z'IBONUNUMVA MPUZAHOSE/BUMENYI** zatatanye kandi zatakaye zashoboraga kwakira ibyiyumvo⁶⁵ – ariko - nta bindi byiyumvo byo kwakirwa byariho usibye iby'akaduruvayo, karimo imbere, k'umuyego-bukozi' w'amashanyarazi n' 'ikurura-jugunya' rya rukuruzi. Brw5/255

Kandi ako KADURUVAYO MU IBONUNUMVA kagaragaraga mu irema nk'akaduruvayo k'utuvungukira. Brw5/256

Nyamara, mo imbere muri iryo yaguka ry'akajagari k'utuvungukira tw'amashanyarazi, hari higanje ibonunumva ry'**ubu'JYE'we** . Brw5/257

⁶⁴ Impulsive (*)

⁶⁵ Impressions (*)

Uko ako kajagari kari kameze kose, **ubu'JYE'we** bwarakambukiranyije mu **mugambi** wa **'Data' wo guseruka, kugenga, kurema**. Brw5/258

Ubu'JYE'we bwafashe iforoma y'ibanze mu **muriro-gabo w'ingufu z'amashanyarazi**⁶⁶. Brw5/259

Buhinduka imbaraga 'JYE' z'ingabe nk'umutima w'impuzatuvungukira, kumwe n'ingaragizi⁶⁷ yawo y'ingufu-gore z'amashanyarazi – guhera ubwo intego 'Mama' yo kuzirika iba ishyizwe nzira muri ibyo bihe⁶⁸ by'umuriro-gabo w'amashanyarazi uhuye n'umuriro-gore w'amashanyarazi. Brw5/260

'Turashimana' maze turacigatirana nk'uko wavuga ikigabo n'ikigore bikuru byo mu moko y'ibinyabuzima. Brw5/261

Intego 'Mama' yo kwigizayo na yo yarahagurukaga iyo imiriro-gabo cyangwa gore y'amashanyarazi ibiri byagaragaraga ko igiye guhura igashyamirana – nyina arahagoboka arabatandutanya – mbese nk'uko uwo bameze kimwe, umubyeyi w'umugore mukuru, yatandukanya ibihindugembe bibiri bishaka kurwana. Brw5/262

Iyo ni yo foroma y'ibonunumva bumenyi yonyine yabayeho mu kaduruvayo igihe kirekire cyane – kuko igihe nta cyo kivuze mu ngoma y'ibifatika ubwabyo. Igihe kigira akamaro gusa iyo habayeho kuryana isataburenge hagati y'ibonunumva bumenyi ry'imiriro y'amashanyarazi bibyara kuzirika no kwirukana, iyo habayeho ubwiyongere bw'ibihuje imbibi n'ibigwirira⁶⁹, kimwe n'intego zigomba kugerwaho. Naho ubundi igihe ntacyo kivuze. Brw5/263

Irema rikorwa na za **MUSHYIGUZI Z'IBANZE** zikora buri yose ukwayo kandi zinashyize hamwe, – imwe igira ingaruka ku yindi, zuzuza ibikenewe karemano bisharaze mu ibonunumva – ibyo bikenewe bikaba, kuva ku ntangiriro, kwongera no kwigeragereza ukwivuga bijyana ku kongera gutandukana, hanyuma, - kugira ngo hagaruke kwiyumvamo umutekano n'umudendezo – kongera guhuzwa mu busabane bw'**IBONUNUMVA MPUZAHOSE**. Kuri izo ngufu zihamagarira kongera guhuza ubusabane bw'ukuba ni ho haturutse amatwara gabo-gore yo kongera kuba umwe kugira ngo hagaruke umunezero uhisha mu ibonunumva rya roho. Brw5/264

Ushobora kugereranya ibiri muri iki gika kibanziriza n'akamenyero k'ababyeyi b'abagabo bazinduka mu gitondo baja ku kazi bakaza kugaruka, uko byizerwa, bagana umudendezo no kongera guhura n'umuryango wabo ku mugoroba, aho bongera kugarura imbaraga zo kwihara nanone mu gitondo gikurikiyeho bagiye guhangana n'isi. Brw5/265

Rero imigendekere y'irema y'
UKWIGARAGAZA MPUZAHOSE

⁶⁶ Proton

⁶⁷ Satellite

⁶⁸ Conditions

⁶⁹ Events

yafashe imyaka amamiriyari kugira ngo bigerweho. Brw5/266

Nyuma ya Big Bang, *Imigendekere y'Irema Data-Mama* yagabanyijwemo ingufu z'ubwoko bubiri bunyuranye, zikomeza gukora imwe ukwayo no gukorera hamwe, zigenga nyamara zikumirana ngo zikorere hamwe, zifite ibirango-giti cyangwa za 'kamere' - n'imirimu inyuranye. Bityo umurimo zisabwa uranyuranye, nyamara ntushobora gutandukanywa. Brw5/267

Musanzwe muzi, kandi binyuze mu ngiro yo kwimanukamo, mwagombye kuba mwaracengeye byuzuye 'kamere' ya 'Data' na 'kamere' ya 'Mama', mu buringanire bw'**Urwego Mpuzahose**. Brw5/268

Muri make, 'kamere' ya 'Data' ni ukuba inkazi, indemyi, no kuzuzanya umurimo w'ubuhanzi. Brw5/269

Kandi ni n'ubu'JYE'we bw'imibereho-giti. Ikinyabuzima cyose, kuva ku ivubi kugera ku mvubu, gifite kwiyumvamo ubu'JYE'we ku buryo bukomeye n'uko gikeneye kurengera ubwo bu'JYE'we. Brw5/270

'Kamere' ya 'Mama' ni iyo guha iforoma umugambi w'ibonnumva ry'amashanyarazi watangijwe n'**Ubwenge Data**', ikoresheje guhambirira hamwe utuvungukira tw'amashanyarazi. Brw5/271

Ibonnumva 'Data' na 'Mama' – MUSHYIGUZI Z'IBANZE – zombi ziri mu buringanire – kandi zikoze muri **KAMERE y'URWEGO MPUZAHOSE**, kandi kubera izo mpamvu, uko zirema iforoma-giti, ni ko zikora umurimo wa **KAMERE y'URWEGO MPUZAHOSE** ari wo: **Gukuza – Kugaburira – Ifunguro – Gukiza – Kurengera – Kwuzuriza ibikenewe mu rwungano ruhamye rw'Amategeko & Umurongo....UBURAMBE**. Brw5/272

Ingufu z'Ibonnumva 'Data' na 'Mama' ni **MUSHYIGUZI** zikumirwa zombi mu **RWEGO MPUZAHOSE**, kandi iyo zirekuwe zikava mu buringanire zikorana imbaraga nyinshi umurimo w'irema. Ikindi kandi mwitegereze ingano y'umurimo wazo mu irema ku isi yose. Mushyiguzi 'Data'/'Mama' zikoresha buri rwego rw'irema, kuva ku iremwa ry'ibice-ngizi, akaremangingo kazima n'ingirangingo – kugera ku gisanzovu⁷⁰ cya karahabutaka. Zikorera kandi bya kimeza mu babyeyi, zikabakaburira guhura, gusama, gutwita no kurera urubyaro. Brw5/273

Ababyeyi-gabo bamwe barigendera nyuma y'ivuka ry'urubyaro rwabo, yaba amagi, ibibwana cyangwa abantu. Abongabo ni ababyeyi-gabo biyumvamo **ubu'JYE'we** busumba ibiyumvo kimeza byabo bya kibyeyi-gabo. Brw5/274

Ahangaha ni ho mugomba kubona-munumva neza igisobanuro cya MUSHYIGUZI. Brw5/275

⁷⁰ Mammoth (*)

Mushobora kwibwira ko ibi ari 'uburyo bw'irema' 'budasobanutse', ariko nimutekereza gato, murasanga nta muntu, nta nyamaswa cyangwa ikimera gikora umurimo mu rwego rw'ibifatika nta mutunariko uturutse ku ibonunumva – iyo ni yo '**mushyiguzi**'. Bishobora kuba ari ukwerekera izuba, kwiruka, kurya, gukora, gusinzira, kujya guhaha, kubyara umwana. Buri gihe – 'mushyiguzi' ibanziriza umurimo – n'iyi byaba guhumbya. Brw5/276

Ikindi kandi nta mushyiguzi ikaburira umurimo utagamije intego: Brw5/277

Ibimera byerekeza indabo n'amababi ku mirasire y'izuba kugira ngo bishobore gukora; abantu birukanka kugira ngo bamemerwe neza, bararya kugira ngo bashire inzara, barakora kugira ngo bahembwe, barasinzira kugira ngo bave muri rwaserera bagarure ubuyanja, bajya mu maduka guhaha ibiryo – byose bigamije kuramuka n'umudendezo bwite. Brw5/278

Bityo, **MUSHYIGUZI** ni zo **KIRUKURI** inyuma, na mo imbere, mu irema ryose. Brw5/279

Ibifatika byose biramutse bisubiye mu iforoma-soko yabyo y'utuvungukira tw'amashanyarazi, **Mushyiguzi Mpuzahose** zagumya gusugira, amaherezo zigaha iforoma irindi remwa. **MUSHYIGUZI** zihoraho iteka. Naho utuvungukira tw'amashanyarazi turi mu 'bifatika' nyabuzima dushobora kuboneka uyu muni, ejo tukabura – nyamara roho igakomeza. Brw5/280

Mutekereza kubera mushyiguzi-mashanyarazi mu bwonko. **Mwumvumva**⁷¹ kubera mushyiguzi-rukuruzi mu rwungano rwanyu rw'imyakura y'ubwonko. Zihuriza hamwe mushyiguzi-mashanyarazi zikazizirikira muri rukomatanyo⁷² imwe izikusanya. Brw5/281

Mudafite 'rukuruzi ikusanya' mu rwungano rwanyu, mwaba 'genda-genda' gusa itari 'menya-menya'. Brw5/282

Ubu noneho ni umwanya wo kubagarura mu byo nabayemo mu butayu, nabatekerereje mu **Ibaruwa ya 1**. Brw5/283

Yenda muribuka ko igihe najyaga ku mugezi wa Yorudani kubatizwa na Yohani, nari icyigomeke, mpanganye n'inyigisho z'Abayahudi, bavugaga ko Yehova ahana abantu kubera ibyaha byabo. Brw5/284

Muri jye numvaga ko iyo yari intekerezo ipfuye kandi y'ingome nkayamagana. Brw5/285

Maze kwerekwa Ukuri kwerekeye irema, sinashoboraga kwumva impamvu **Ibonunumva ritunganye** ritaremye ibiremwa bitagira inenge **bikoze mu ishusho ry'Umuremyi wabyo Rukundo Nya-bwenge**. Brw5/286

⁷¹ Feel

⁷² Whole

Nabajije Umuremyi – **Ibonunumva Mpuzahose** – impamvu inyokomuntu yakomezaga guhura n’umubabaro n’ibyago byinshi gutya. Brw5/287

Nuko nerekwa bidashidikanywa ko ibibazo byose abantu bahura na byo bituruka ku **‘ipfundo’** rya jyewe (siyansi ubu iryita ‘jye-babona’). Brw5/288

Yigaragazaga mu ‘bu-giti’

nk’**ICYIFUZO NYOBOZI** cyo kwivuna abakunenga cyangwa abagusagarira, haba ku mutima cyangwa ku mubiri,
n’ikindi **CYIFUZO NYOBOZI** bisa cyo guhigika abandi kugira ngo ube uwa mbere mu isiganwa ry’ubuzima. Brw5/289

Yigaragazaga kandi mu ‘bu-giti’

nk’**ICYIFUZO NYOBOZI** cyo kwiharira ibyiza byose wenyine, n’ubwo abandi batera hejuru, n’ikindi **CYIFUZO NYOBOZI** bisa cyo gutsimbarara ku mitungo bwite, umuryango, inshuti, ibintu, ibigwi, n’ubwo abandi babirwanya. Brw5/290

Nasobanukiwe kandi ko izo **‘mushyiguzi’ EBYIRI** z’ibanze, zihoraho, zitayoba, **z’ukuba kuremyi** zitariho **nta rema ryabaho**. Brw5/291

Iryo ni ryo banga ry’irema – rikaba n’ibanga ry’imibereho n’iry’ ‘ukuba kwihariye’. Brw5/292

Mu gukorera hamwe nk’itsinda, imwe ukwayo nyamara zidatandukana, mu isi y’ibigaragara, izo **mushyiguzi z’impanga** ni zo zabaye uburyo bwo kurema **intimatima y’ibifatika ubwabyo**, ikurwa mu **‘IBONUNUMVA MPUZAHOSE’** ry’agatangaza. Brw5/293

Mushyiguzi imwe y’ubuhanzi ni: ubu’JYE’we bw’UBUKOZI. Brw5/294

Iyi **mushyiguzi y’ubukozi ni mpuzahose kandi ikomoka mu isoko imwe rukumbi**. Brw5/295

‘Ubukozi’ ni umuyego mu IBONUNUMVA, n’IBONUNUMVA mu muyego. Brw5/296

Mushyiguzi ndemyi yindi ifite (mu mvugo ishushanya) **amasura abiri** ateranye umugongo.

Ari yo:

KUZIRIKA - KWIRUKANA

Gukurura uganisha kuri >>>>>jyewe <<<<<Gusunika uvana kuri

Ari byo bizwi nka

IKURURA – IHURWA

**Gukurura >>>>>uzanira-jyewe-uvana<<<<<Kwigizayo
mu imbere mu IBONUNUMVA. Brw5/297**

Ni ubwo buryo BWONYINE bwakoreshejwe mu kurema imibereho yo ku isi. Brw5/298

Impuzahose yose ni ukwigaragaza kw' 'Ububasha Buremyi' bukorera muri mushyiguzi nyampanga z' UKUBA NYABIFATIKA – zirema 'ibifatika' n'iforoma-giti.

Iri ni rimwe mu 'mabanga'-shingiro y'impuzahose. Brw5/299

Nabonye ko 'izingiro' ry' 'Ubu-giti' cyangwa 'Jye-babona' nk'uko bivugwa ubu, ryari ryaragizwe

'UMURINZI W'UBU-GITI'

kandi ko ryari risharazemo ubudasubirwaho mushyiguzi ya rukuruzi igambiriye kubungabunga

UBUZIMA BWITE N'UBURAMBE. Brw5/300

Kurinda **ubu'JYE'we-giti**

byagerwagaho hakoreshejwe ya **masura abiri ya Mushyiguzi y'Ukuba ya kabiri KUZIRIKA – KUJUGUNYA** ngo irinde ubu-giti. Brw5/301

Isura yo KUZIRIKA irakogota, irakwega, irakurura, irasaba, irishyira, iragura, irasakuma, irafata, ikizirika ku bantu no ku mitungo ifitiye inyota. Iyi **MUSHYIGUZI** irema ingirwamutekano ishingiyeye ku kubungirana no ku mitungo. Ni cyo '**gikoresho'** cy' '**IBONUNUMVA-MAMA'** ribwiriza kubaka ingo, imiryango n'ibihugu. Ishobora kubyara ubwiza, ibyishimo, ubusabane n'urukundo. Inashobora kandi kwangiza imibereho no gusenya imiryango iyo 'iyobowe na Jye-babona'. Brw5/302

Isura yo KUJUGUNYA irasunika, irahigika, iramagana, ikizibukira icyo ari cyo cyose – abantu, inyamaswa, imitungo idashaka. Bityo **MUSHYIGUZI yo KUJUGUNYA** irema balinga y'ubutavogerwa n'umutekano. Brw5/303

Ni yo **MUSHYIGUZI** irema amakaraza mu ngo, mu mibanire, mu miryango, no mu bihugu. Yitwa ko ibereyeho gukiza ubuzima, kubungabunga uburinzi n'ubutavogerwa, ariko ni imbaraga zisenya iyo iyobowe na 'Jye-babona'. Brw5/304

Iyo izo **MUSHYIGUZI NYAMPANGA Z'UKUBA** zitahaba, ibintu byose byajyaga kumatana kimwe mu kindi ubuziraherezo, mu buburagihe⁷³ buhoraho **bw'UBUBASHA BUREMYI MPUZAHOSE mu buringanire**. Brw5/305

Iyo izo **MUSHYIGUZI NYAMPANGA** zitabaho, ntihari kuba urujya n'uruza rwo '**gutanga no gufata'** no '**gukurura no gusunika'** ngombwa mu kurema miriyoni z'ubunararibonye bwite butuma 'ubu-giti' bw'umuntu bukura bugasagamba. Brw5/306

Bityo ikibazo cy' 'ubu-giti' n' 'irari rya jye-babona' ibinyabuzima byose n'inyokomuntu byihanganira byari/ni ibintu bidasubirwaho, udashobora gukikira. Ikindi gisobanuro cyose ni umugani utavangiye. Brw5/307

⁷³ Timelessness (*)

Nabonye ko icyo abantu bitaga '**ICYAHA**' cyari inkurikizi itaziguye y'uruja n'uruza rwa **mushyiguzi 'KURURA-JUGUNYA'** muri kamere muntu. Brw5/308

Mushyiguzi Kurura-Jugunya zari zigize igihu mbamutima/nyagatekerezi cyifurebwe n'ibiremwa-giti byose, harimo n'inyoni n'ibikoko. Izo **mushyiguzi** murazibona zikora mu bidukikije byose – ndetse no mu buzima bw'ibimera. Brw5/309

Mushyiguzi 'kurura-jugunya' zayoboraga/ziyobora imyitwarire igamije uburambe bw'ibiriho byose mu irema. Brw5/310

Kuzibukira **Mushyiguzi Kurura-Jugunya** ntibyashobokaga. Brw5/311

Izo mushyiguzi z'impanga ni zo zari inkomoko y'akanya gato y'umudendezo 'wo ku isi', kuryohereza, 'umunezero' - zikaba kandi n'inkomoko y'uburwayi bwose, ubutindi n'ubukene mu isi. Brw5/312

Nyamara, bwiyongera kuri ibyo –

haari/hari UBUZIMA – burenga, busasira kandi bugacengera byose –

bwakomotse mu ITURIKA ry'IBONUNUMVA MPUZAHOSE

ni bwo shingiro ry'ukuri n'isoko y'ibonunmva ryo ku isi -

bityo, mbese nk'uko **Ibonunumva 'Data-Mama'** ari riremyi,

n'**UGUTEKEREZA** kw'umuntu kurarema,

kubera ko 'igitekerezo n'ukwiyumva' nya-muntu byombi ari ikoresha n'ubumwe

bw' **ibikoresho nyampanga by'Ibonunumva 'Data-Mama'**.

Bityo, izo **Mushyiguzi Kurura-Jugunya** mu bu-giti bwite na zo zihinduka indemyi

bya cyane kuko zigena – kandi **zikagaragaza** -

'amaforoma y'ibonunumva' y' 'ibintu bishakwa' n' 'ibintu bitabwa'. Brw5/313

Iryo ni 'ibanga' shingiro rya kabiri ry'impuzahose. Brw5/314

Nabonye ko '**ICYAHA**' cyari **intekerezo y'impangano** yacuranywe iryenge n'abantu, kugira ngo bite izina imikorere y'umuntu itera abandi akababaro. Brw5/315

Kubera imiremere yabo ya kimeza yo gufata iby'abandi, no kubahigika nta mbabazi kugira ngo bagere ku byo bashaka mu buzima, ntibyari kubura ko abantu bose batera abandi umubabaro n'agahinda rimwe na rimwe. Ayo marere yo gukomeretsa abandi 'ntiyacumuriraga' na gato **IBONUNUMVA MPUZAHOSE** (Imana) – nk'uko byemezwa n'iyobokamana rya Kiyahudi n'irya 'Gikristu'. Brw5/316

Inyokomuntu yonyine ni yo yumvaga ijamba 'icyaha', kuko inyokomuntu yonyine n' 'ibiremwa byose bihatswe n'umuntu', ari byo byari buzahure n'umubabaro, ubukene n'ubutindi biterwa na za **MUSHYIGUZI** ebyiri shingiro z' **UBU-GITI – Kururura – Jugunya** zikora mu 'bu-giti' nya-muntu. Brw5/317

Mushyiguzi kimeza mu muntu yo kurinda ubu-giti bwe bwite yari yaratumye ashiraho amabwiriza n'amategeko bigenga umuryango w'abantu. '**Ububasha Buremyi Mpuzahose' – URUKUNDO – nta na hatu bwari buhuriye n'ishyiraho ry'inzitizi, imbibi, amategeko n'ubucamanza by'abantu.** Brw5/318

Nabonye kandi ko:

'Ububasha-Buremyi Data-Mama' – UBUZIMA – bwatembaga ubutaretsa mu mpuzahose yose, kandi ko ari bwo bwari ubuzima muri gatekerezi yanjye, bwakoreshaga mushyiguzi nyampanga z'igitekerezo no kwiyumva. Brw5/319

Bityo imitekerereze n'imyiyumvire bifite inenge ibyo ari byo byose bifite imbaraga, byashoboraga kurogoya no guhindura 'iforoma y'IBONUNUMVA' y'ibyaremwe. Brw5/320

Ku rundi ruhande:

'Imitekerereze' yanjye, igihe yunyugujwemo neza mushyiguzi nyampanga za 'jye-babona' – ikakira byuzuye 'UBWENGE/RUKUNDO bw'Ububasha Buremyi 'Data-Mama', yari kugarura imimerere y'

'URUKUNDO NYA-BWENGE RUZIRA INENGE'. Brw5/321

Bityo rero, imimerere yatewe ubusembwa n' igitekerezo kidatunganye' yashoboraga gusubizwa kuba imimerere y' 'isugi', imyifatire n'ibitekerezo bya jye-babona bihinduwemo iby'URUKUNDO RUTAGIRA IKIGOMBERO.

Gatekerezi yanjye yari 'igikoresho' cy'inzira yose y'uburemyi ituruka mu MPUZAHOSE. Brw5/322

Maze **kumenya** ko ari uko byari bimeze – **kubimenya buroho, mu bwenge no mu mutima**, numvise neza ko nashoboraga kandi nagombaga gutera intambwe nkarenga **MUSHYIGUZI NYAMPANGA za JYE-BABONA** zayoboraga mbere gatekerezi yanjye, kugira ngo ndeke **IKIRUKURI NYA-MANA** cyisanzure muri gatekerezi no mu bwonko bwanjye. Brw5/323

Ni yo mpamvu hari intambara hagati ya JYE-BABONA ishinze imizi mu bumuntu n' **'Ibonunumva Data-Mama'**, igihe nari mu bishuko bikaze maze kumurikirwa mu butayu. **Shitani ntaho yari ihuriye n'intambara ikaze yabereye mu ibonunumva ryanjye. Brw5/324**

Intambara yari hagati ya

MUSHYIGUZI NYAMPANGA Y'UBU-GITI – Kurura-Jugunya
N'IKIRUKURI NYA-MANA cyari cyanyimenyekanishijeho **UBWACYO** nk'
URUKUNDO-UBUZIMA NYA-BWENGE

rundenze, nyamara rundimo, kandi rwajyaga kwigarurira **ubu-giti** bwanjye ku rugero ndetse rwisumbuye ndamutse nkomeje kwimanukamo ndahwema, no guhanagura mu ibonunumva ryanjye mushyiguzi z'ubwikunde. Brw5/325

Ibyo maze kuvuga birashushanya ubumenyi nya-maboko⁷⁴ nagarukanye i Nazareti. Brw5/326

Bityo, igihe cy'ikizwa ku mubiri namaranye na mama anyitaho ngo ngarure ubuyanja, cyanabaye igihe cyo gusenga no kwimanukamo, navanyemo inama n'imbaraga zo

⁷⁴ Powerful

kubaho mbona-numva kandi mbyitondeye **KAMERE** y'**UBUMANA** cyangwa **IKIRUKURI MPUZAHOSE**. Brw5/327

Nk'uko mubizi, **KAMERE** y'**UBUMANA** cyangwa **'IKIRUKURI MPUZAHOSE'** ni **UBUZIMA**. Brw5/328

Iyo BUkora mu irema – cyangwa dushobora no kuvuga – 'mu bu-giti' bw'irema, **BUrakura, BUkarera, BUgafungurira, BUkagaruza ubuyanja, BUgakiza, BUkarinda, BUkarokora, BUkuzuriza ibikenewe ibyaremwe byose, – byose mu rwungano rw'ubusabane nta makemwa, mu bufatanye n'amategako n'umurongo uboneye. Iyi ni yo 'kamere' y'UBUZIMA. Akazi kabwo kose mu irema gakorwa hakurikizwa KAMERE MPUZAHOSE – guteza imbere icyiza gihebuje ku binyabuzima byose.** Brw5/329

Nimushobora kwumva aya magambo, muzumva neza impamvu navuye mu butayu – ndi umuntu wuje ibyishimo, ufite ibonunumva rishya ry'ubwiza bw'isi, wiyumvamo ukwiyizera kudasubirwaho, kandi UZI ko bishoboka gutegeka imisusire y' 'ibifatika'. Muziyumvamo hamwe nanjye ibyishimo birenze nari mfite ko noneho nashoboraga kugeza ku Bayahudi inkuru y'ikuzo ko 'Ubwami bw'Ijuru' bwari buri rwagati muri bo. Icyo bagombaga gukora cyonyine cyari 'ukububona' mbafashije, maze ubuzima bwabo bugahinduka ubuzira herezo. Brw5/330

Mbasigiye namwe ubwo bumenyi bushobora guhindura imigendere y'ubuzima bwanyu, buramutse bwumviswe byuzuye kandi bugakoreshwa ku buryo bwuzuyemo gusenga. Brw5/331

Uko musoma, ibonunumva ryanyu rizazamurwa, n'uko mushakisha imurikirwa – rizabasanga. Brw5/332

Ndabifuriza cyane kwumva, guhangariza, gukura, kwesa umuhigo. Mwisanzure mu **RUMURI** rwanjye kubera ko iyo murimo musoma, mutekereza, muzirikana, kandi musenga, mukururwa mu **IBONUNUMVA** ryanjye rya **KRISTU** rizagenda rirushaho kubigaragariza uko muzagenda mujya imbere muri ubu **Bumenyi Nya-mana**. Brw5/333

Urukundo n'icyizere mfitiye ubwitonzi bwanyu bugenda bukura birabahobeye. Brw5/334

URUTONDE RW'AMAGAMBO**AMWE N'AMWE Y'INGENZI****ASOBANUYE****Ibaruwa 5**

IKIRUKURI (The Reality/La Réalité): icy'ukuri gihatse ibigaragara.

UKUBA (Etre/Being): igikorwa gikomoka ku nshinga "kuba".

UBU-GITI (Individuality/individualité) : igituma umuntu aba we ku giti cye.

IKIRIHO (Etre/Being) : izina rikomoka ku nshinga "kuba".

UBUHUZAHOSE (Universality/Universalité): isangano ry'ibiriho byose.

IMBAMUTIMA (feelings/ sentiments) : amaranga mutima.

NYA-ROHO (spiritual / spirituel) : kiranga roho.

NYA-MUNTU (Human/humain) : kiranga umuntu.

KWIMANUKAMO (meditation /méditation) : kuva inyuma uganu imbere muri wowe ubwawe, ukoresheje ibonunumva (= urumuri rw'ubwenge).

URUHATO (compelling/contrainte) : urutoto (inshinga gutota).

IMITEKEREREZE NJYABUZIMA (positive thinking/: pensée positives) : imitekerereze ibogamira ku bwiza bw'ibintu.

UBUVUGAMANA (theology /théologie) : Tewolojiya/ubuhanga bwo kubaka imvugo imenyekanisha Imana.

IBIBA BYARISHARAGANYE IMPIRITA (Are emotionally imprinted/ sont émotionnellement imprimées) : byisharaze mu muntu ku ngufu z'ibyo yabayeho.

IGISA N'UBUSA (seeming emptiness/ vide apparent) : wagira ngo ni ubusa.

UDUCE NGIZI TW'IBIFATIKA (elements of matter/ éléments de la matière): uduce tw'ibanze tugize ibifatika.

INDANGAMYUMVIRE (theories/ théories) : imibonere ubumenyi bwubakiyeho.

INYIGISHO-KARANDE (doctrines/Doctrines): Amahame agenderwaho mu muco cyangwa mu idini.

BIG BANG (Big Bang/ Big Bang) : Iturika ryabimbuye irema.

MUSHYIGUZI (Motivating Factor/ Facteur Déclenchant) : Impamvu Nyirabayazana, Imbarutso.

UMURIMO NGIRAHAREZO (finite activity/ l'activité finie) : ubukozi budahoraho.

ABAHANUZI NYA-MWUKA (mystical prophets/ les prophètes mystiques) : babona ibitagaragara.

IMVANGAVANGE (combination/Combinaison) = urukomatanye rw'ibinyuranye.

AKAREMANGINGO (Molecule/Molécule) = Agace gato gashobora kubaho mu buryo bwitaruye. Uturemangingo iyo twishyize hamwe tubyara "Ingirangingo" (cellule/serire).

UBUSHOBOKE (eventuality /éventualité) : gishobora kuba rimwe na rimwe.

NYA-BIFATIKA (materialistic/ matérialistes) : kiranga ibintu bifatika.

KIGWIRIRA (accidental /accidentel) : cyidumbukiza, kiba kitateganyijwe, gitunguranye.

UBWENGE-NGIZI (organising intelligence /intelligence organisatrice.) : ubwenge butera ikintu kuba uko kiri.

IBINYABUTABIRE (chemicals/des substances chimiques) : birangwa n’ubutabire.

INDEMANGINGO-FATIZO (DNA /ADN) : urunana rw’ingirangingo z’ibanze.

INTANGAKARANDE (chromosomes /chromosomes): uduce tuba mu ntanga dushinzwe guhererekanya ibiranga ikiremwa kirimo cyibyara.

IBIGAGARI: (penguins/ pingouins)= ubwoko bw’inyoni zo ku nyanja zo mu turere tw’amajyaruguru y’isi.

INKABURADUSOKO (hormones/hormones): imisemburo.

INSHUSHANYO (Vista /image-vue) : ishusho ngari y’ibintu.

NJYARUPFU (Negative / negative) : kirangwa n’ibitekerezo bibi gusa.

INSHUSHANYO (Description/description) : uburyo bwo kurondora ikintu uko giteye

INGARAGAZO (Manifestation/Manifestation) : uburyo bwo kugaragaza, kwerekana

IMBARAGABUSHAKE: (willpower /force de volonte) : imbaraga z’ubushake

ISANZURE (Space/Espace) : ahantu ibiriho byose byisanzurira

ATARI GITI (*impersonal* /impersonnel) : kitarangwa n’ubuzima gatozi.

MBONANUMVA (conscious/ conscient) : ubihagazeho.

RUZIGARUKURA (spiral /une spirale): uruziga rwigarukaho rwaguka.

IMPUZATUVUNGUKIRA (atom/atome)

YIDUMBUKIZA (impulsive / impulsives) : iza ku bwende bwite , kandi ku buryo butunguranye.

IBYIYUMVO (Impressions/ impressions)= imyiyumvire.Brw5/ 255

INGARAGIZI (satellite/) : umubumbe ugaragira undi mu kirere.

IFORMA-GITI (individual form /Forme individuelle) : Iforoma yihariye.

IGISAZOMVU (Mammoth/ mammoth) : Inzovu nini cyane yo mu gihe cya kera.

UBUBURAGIHE:(timelessness/ éternel présent) : ubudahinduka